| 1° **ubutasi ku mari:** igikorwa kigamije kwakira no gusesengura amakuru ku bikorwa by'ihererekanya ry'imari bikemangwa n'andi makuru ajyanye n'iyezandonke n'ibyaha by'ibanze bifitanye isano na yo, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi kugira ngo ibivuye mu isesengura bimenyeshwe inzego bireba; | 1° **financial intelligence:** a process of receipt and analysis of suspicious transaction reports, other information related to money laundering, associated predicate offences, the financing of terrorism and the financing of proliferation of weapons of mass destruction for the dissemination of the results of such an analysis to relevant authorities; | 1° **renseignement financier:** processus de réception et d'analyse des déclarations d'opérations suspectes, d'autres informations relatives au blanchiment de capitaux, aux infractions sous-jacentes associées, au financement du terrorisme et au financement de la prolifération des armes de destruction massive afin de la dissémination des résultats de cette analyse aux autorités concernées ; |
| 2° **ushinzwe gutanga amakuru:** | 2° **reporting person**: | 2° **personne déclarante**: |
| 1° Banki Nkuru y'u Rwanda; | 1° the National Bank of Rwanda; | 1° la Banque nationale du Rwanda; |
| 2° ikigo cy'imari; | 2° a financial institution; | 2° une institution financière; |
| 3° isosiyete y'itumanaho itanga serivisi zo guhererekanya amafaranga; | 3° a telecommunication company that provides financial services; | 3° une société de télécommunication qui offre des services financiers; |
| 4° ukora imirimo yigenga mu by'amategeko, igihe ahagarariye cyangwa afasha abakiriya be hanze y'inkiko, by'umwihariko mu rwego rw'ibikorwa bikurikira: | 4° a person engaged in private legal practice, when he or she represents or assists his or her clients outside any legal proceeding, in particular within the framework of the following activities: | 4° une personne exerçant une profession libérale juridique, lorsqu'elle représente ou assiste ses clients en dehors de toute procédure judiciaire, notamment dans le cadre des activités suivantes: |
| a. kugura no kugurisha umutungo, isosiyete y'ubucuruzi cyangwa ibikorwa by'ubucuruzi; | a. buying and selling a property, a company or businesses; | a. achat et vente d'un bien, d'une société ou des activités commerciales; |

| | | |
|---|---|---|
| b. gucunga amafaranga, inyandiko mvunjwafaranga n'indi mitungo by'umukiriya; | b. managing money, negotiable instruments and other assets belonging to the client; | b. gestion d'argent, de titres négociables ou d'autres actifs appartenant au client; |
| c. gufunguza no gucunga konti yo kubikurizaho, konti yo kuzigama cyangwa konti y'inyandiko z'agaciro; | c. opening and managing current, savings or securities accounts; | c. ouverture et gestion de comptes courants, d'épargne ou de titres; |
| d. gushyiraho, gucunga cyangwa kuyobora isosiyete y'ubucuruzi, ibigega by'ubwizerane cyangwa indi miryango iteye nka byo, cyangwa gukora ibindi bijyanye n'imari; | d. creating, managing or directing a company, trusts or other similar ventures or executing any other financial transactions; | d. constitution, gestion ou direction d'une société commerciale, de fiducies ou de structures similaires ou exécution d'autres opérations financières ; |
| 5° umugenzuzi w'imari, umubaruramari n'umujyanama mu by'imisoro; | 5° an auditor, accountant and tax advisor; | 5° un auditeur, un comptable et un conseiller fiscal; |
| 6° uhuza umuguzi n'ugurisha mu mirimo yerekeranye n'imitungo itimukanwa; | 6° a real estate agent; | 6° un agent immobilier; |
| 7° umucuruzi w'amabuye y'agaciro n'ibyuma by'agaciro; | 7° a dealer in precious stones and precious metals; | 7° un négociant en pierres précieuses et métaux précieux; |
| 8° umuntu ku giti cye, ikigo cyangwa isosiyete y'ubucuruzi bikwirakwiza amafaranga; | 8° a natural person, an institution or a company involved in the business of distributing money; | 8° une personne physique, une institution ou une société commerciale engagées dans les activités de distribution d'argent; |
| 9° ikazino, n'ibigo bikoresha tombora zo mu rwego rw'Igihugu; | 9° a casino and national lotteries; | 9° un casino et des loteries nationales; |

| | | |
|---|---|---|
| 10° imiryango itari iya Leta; | 10° non-governmental organisations; | 10° les organisations non gouvernementales; |
| 11° ibigega by'ubwizerane; | 11° trusts; | 11° les fiducies; |
| 12° abandi bashinzwe gutanga amakuru bashobora kugenwa n'iteka rya Minisitiri ufite imari mu nshingano. | 12° such other reporting persons as an Order of the Minister in charge of finance may determine. | 12° d'autres personnes déclarantes qu'un arrêté du Ministre ayant les finances dans ses attributions peut déterminer. |
| **Ingingo ya 4: Ubuzimagatozi n'ubwigenge** | **Article 4: Legal personality and independence** | **Article 4 : Personnalité juridique et indépendance** |
| FIC ifite ubuzimagatozi, ubwisanzure n'ubwigenge mu miyoborere no mu micungire y'imari, umutungo n'abakozi byayo. | FIC has a legal personality and enjoys administrative, financial and human resource management autonomy. | Le FIC est doté de la personnalité juridique et jouit de l'autonomie administrative, financière et de gestion des ressources humaines. |
| FIC irigenga. Mu kuzuza intego n'inshingano zayo, FIC ntihabwa amabwiriza n'urundi rwego. | FIC is independent. In the accomplishment of its mission and responsibilities, FIC does not take injunctions from any other institution. | Le FIC est indépendant. Dans l'accomplissement de sa mission et de ses attributions, le FIC n'est soumis aux injonctions d'aucun autre organe. |
| **Ingingo ya 5: Urwego rureberera FIC** | **Article 5: Supervising authority of FIC** | **Article 5 : Organe de tutelle du FIC** |
| FIC irebererwa na Minisiteri ifite imari mu nshingano. | FIC is supervised by the Ministry in charge of finance. | Le FIC est placé sous la tutelle du Ministère ayant les finances dans ses attributions. |
| **Ingingo ya 6: Icyicaro cya FIC** | **Article 6: Head office of FIC** | **Article 6 : Siège du FIC** |
| Icyicaro cya FIC kiri mu Mujyi wa Kigali, Umurwa Mukuru wa Repubulika y'u Rwanda. | The head office of FIC is located in the City of Kigali, the Capital of the Republic of Rwanda. | Le siège du FIC est établi dans la Ville de Kigali, Capitale de la République du Rwanda. |

| | | |
|---|---|---|
| Iteka rya Minisitiri w'Intebe rishobora kwemeza ko icyicaro cya FIC cyimurirwa ahandi cyangwa gushyiraho amashami ya FIC igihe bibaye ngombwa. | An Order of the Prime Minister may approve the relocation of the head office of FIC or establish FIC's branches when considered necessary. | Un arrêté du Premier Ministre peut, en cas de nécessité, approuver le transfert du siège du FIC ou créer des branches du FIC. |
| **<u>UMUTWE WA II</u>: INTEGO, INSHINGANO N'UBUBASHA BYA FIC** | **<u>CHAPTER II</u>: MISSION, RESPONSIBILITIES AND POWERS OF FIC** | **<u>CHAPITRE II :</u> MISSION, ATTRIBUTIONS ET POUVOIRS DU FIC** |
| **<u>Ingingo ya 7</u>: Intego ya FIC** | **<u>Article 7</u>: Mission of FIC** | **<u>Article 7 :</u> Mission du FIC** |
| FIC ifite intego yo gukora ubutasi ku mari hagamijwe kurwanya iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi kimwe n'ibyaha bifitanye isano na byo. | FIC has the mission of conducting financial intelligence in order to counter money laundering, the financing of terrorism and the financing of proliferation of weapons of mass destruction and related crimes. | Le FIC a pour mission de mener des renseignements financiers en vue de lutter contre le blanchiment de capitaux, le financement du terrorisme et le financement de la prolifération des armes de destruction massive et les infractions connexes. |
| **<u>Ingingo ya 8</u>: Inshingano za FIC** | **<u>Article 8</u>: Responsibilities of FIC** | **<u>Article 8 :</u> Attributions du FIC** |
| Inshingano za FIC ni izi zikurikira: | FIC has the following responsibilities: | Le FIC a les attributions suivantes : |
| 1° gukora isesengura ry'imikorere n'isesengura rihanitse ku makuru y'ibikorwa ku ihererekanya ry'imari bikemangwa yakiriwe no gushyikiriza ibyavuyemo inzego zibishinzwe; | 1° to carry out operational and strategic analysis of received suspicious transaction reports and disseminate the results to relevant authorities; | 1° faire une analyse opérationnelle et stratégique des déclarations d'opérations suspectes reçues et en disséminer les résultats aux autorités concernées; |
| 2° guhuza ibikorwa by'ikumira bikorwa n'inzego zose bijyanye n'ishyirwa mu bikorwa ry'itegeko ryerekeye ikumira n'ihana ry'iyezandonke, gutera inkunga | 2° to coordinate preventive activities carried out by all institutions in relation to the implementation of the law relating to the prevention and punishment of money | 2° coordonner les activités de prévention menées par toutes les institutions en rapport avec l'application de la loi relative à la prévention et à la répression du |

| | | |
|---|---|---|
| iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi; | laundering, the financing of terrorism and the financing of proliferation of weapons of mass destruction; | blanchiment de capitaux, du financement du terrorisme et du financement de la prolifération des armes de destruction massive; |
| 3° kugira inama Guverinoma ku birebana na politiki n'ingamba bigamije gukumira no kurwanya iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi kimwe no gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ryazo; | 3º to advise the Government on strategies and policies aimed at preventing and countering money laundering, the financing of terrorism and the financing of proliferation of weapons of mass destruction and monitor their implementation; | 3º conseiller le Gouvernement sur les stratégies et politiques visant à prévenir et lutter contre le blanchiment de capitaux, le financement du terrorisme et le financement de la prolifération des armes de destruction massive et faire le suivi de leur mise en œuvre; |
| 4° gutanga inama ku nzego zibifitiye ububasha guhindura no kuvugurura amategeko n'amabwiriza ajyanye no gukumira no kurwanya iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi, igihe bibaye ngombwa; | 4º to advise competent organs on the amendment and reform of laws and regulations relating to the prevention and countering of money laundering, the financing of terrorism and the financing of proliferation of weapons of mass destruction, when considered necessary; | 4º conseiller, en cas de nécessité, les organes compétents sur l'amendement et la réforme des lois et règlements relatifs à la prévention et la lutte contre le blanchiment de capitaux, le financement du terrorisme et le financement de la prolifération des armes de destruction massive ; |
| 5° kugaragaza ibipimo bifasha kumenya ibikorwa by'ihererekanya ry'imari bikemangwa; | 5º to identify indicators that assist in recognising suspicious financial transactions; | 5º identifier les indicateurs qui aident à reconnaître les opérations financières suspectes; |
| 6° gutanga amahugurwa n'ubufasha ku kibazo cyose kirebana no kurwanya iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi; | 6º to provide trainings and support on any matter related to the countering of money laundering, the financing of terrorism and the financing of proliferation of weapons of mass destruction; | 6º donner des formations et du soutien sur toute question liée à la lutte contre le blanchiment de capitaux, le financement du terrorisme et le financement de la prolifération des armes de destruction massive; |

| | | |
|---|---|---|
| 7° gukora ubukangurambaga ku bibazo bijyanye n'iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi; | 7º to conduct public awareness on matters related to money laundering, the financing of terrorism and the financing of proliferation of weapons of mass destruction; | 7º sensibiliser le public sur les questions relatives au blanchiment de capitaux, au financement du terrorisme et au financement de la prolifération des armes de destruction massive; |
| 8° gutegura no gushyiraho uburyo bw'imikorere n'igenzura hagamijwe umutekano n'ibanga by'amakuru abitswe na FIC; | 8º to design and put in place systems and controls for the security and confidentiality of data held by FIC; | 8º concevoir et mettre en place des systèmes et contrôles en vue de la sécurité et la confidentialité des données détenues par le FIC; |
| 9° gukora isesengura ry'ingaruka ku rwego rw'Igihugu ziterwa n'iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi; | 9º to conduct national risk assessment on money laundering, the financing of terrorism and the financing of proliferation of weapons of mass destruction; | 9º procéder à une évaluation nationale des risques de blanchiment de capitaux, de financement du terrorisme et de financement de la prolifération des armes de destruction massive; |
| 10° gushyiraho no gucunga ububiko bw'amakuru ashingiye ku mibare no ku nyandiko ku birebana n'ikigero cy'ishyirwa mu bikorwa ry'itegeko ryerekeye ikumira n'ihana ry'iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi; | 10º to establish and maintain a database of statistics and records related to the effectiveness of the implementation of the law relating to the prevention and punishment of money laundering, the financing of terrorism and the financing of proliferation of weapons of mass destruction; | 10º créer et maintenir une base de données statistiques et des dossiers relative à l'efficacité de la mise en oeuvre de la loi relative à la prévention et à la répression du blanchiment de capitaux, du financement du terrorisme et du financement de la prolifération des armes de destruction massive; |
| 11° gukora ubushakashatsi ku mihindagurikire, tekiniki n'ubwiyongere mu byerekeye iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi; | 11º to conduct research into trends, techniques and developments in the area of money laundering, the financing of terrorism and the financing of proliferation of weapons of mass destruction; | 11º mener des recherches sur les tendances, les techniques et les développements dans le domaine du blanchiment de capitaux, du financement du terrorisme et du financement de la prolifération des armes de destruction massive; |

| | | |
|---|---|---|
| 12° kugira inama inzego zigenzura imikorere y'abashinzwe gutanga amakuru ku bijyanye n'ishyirwa mu bikorwa ry'itegeko ryerekeye ikumira n'ihana ry'iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi; | 12º to advise supervisory authorities of reporting persons on the implementation of the law relating to the prevention and punishment of money laundering, the financing of terrorism and the financing of proliferation of weapons of mass destruction; | 12º conseiller les autorités de supervision des personnes déclarantes sur l'application de la loi relative à la prévention et à la répression du blanchiment de capitaux, du financement du terrorisme et du financement de la prolifération des armes de destruction massive; |
| 13° kugira uruhare mu bikorwa bihuza inzego zitandukanye bigamije gukemura ibibazo biterwa n'ibyaha bimunga ubukungu n'imari ku rwego rw'Igihugu urw'akarere no ku rwego mpuzamahanga; | 13º to participate in inter-agencies initiatives which aim at addressing financial and economic crime problems at the national, regional and international levels; | 13º participer à des initiatives inter-agences qui traitent des problèmes de crimes financiers et économiques aux niveaux national, régional et international; |
| 14° gushyiraho amabwiriza n'imirongo ngenderwaho bigomba gushyirwa mu bikorwa n'abashinzwe gutanga amakuru; | 14º to issue regulations and directives to be implemented by reporting persons; | 14º émettre des règlements et directives devant être mis en œuvre par les personnes déclarantes; |
| 15° gushyiraho amabwiriza no kugenzura abashinzwe gutanga amakuru badafite urwego rubagenzura ruzwi; | 15º to regulate and supervise reporting persons that do not have any recognised supervisory authority; | 15º réglementer et superviser les personnes déclarantes qui n'ont aucune autorité de supervision reconnue; |
| 16° gushyiraho amabwiriza ashyira mu bikorwa ibyemezo by'Akanama k'Umuryango w'Abibumbye gashinzwe Amahoro ku Isi ku bijyanye n'ibihano mu by'imari birebana n'iterabwoba n'imitungo itera inkunga iterabwoba n'iy'abandi bantu; | 16º to issue regulations that implement the United Nations Security Council Resolutions with regard to targeted financial sanctions related to terrorism, terrorist financing assets and those of other persons; | 16º émettre des règlements qui mettent en oeuvre les résolutions du Conseil de Sécurité des Nations unies en rapport avec les sanctions financières ciblées liées au terrorisme, aux avoirs destinés au financement du terrorisme et à ceux d'autres personnes; |

| | | |
|---|---|---|
| 17° gushyiraho amabwiriza ashyira mu bikorwa ibyemezo by'Akanama k'Umuryango w'Abibumbye gashinzwe Amahoro ku Isi ku bijyanye n'ibihano mu by'imari birebana n'ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi no kuritera inkunga; | 17º to issue regulations that implement the United Nations Security Council Resolutions with regard to targeted financial sanctions related to the proliferation of weapons of mass destruction and its financing; | 17º émettre des règlements qui mettent en œuvre les résolutions du Conseil de Sécurité des Nations unies en rapport avec les sanctions financières ciblées liées à la prolifération des armes de destruction massive et à son financement; |
| 18° gutangaza raporo zigaragaza imibare yuzuye, amoko n'imihindagurikire by'iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi kimwe n'amakuru arebana n'ibikorwa byayo; | 18º to publish reports with comprehensive statistics, typologies and trends of money laundering, the financing of terrorism and the financing of proliferation of weapons of mass destruction, as well as information regarding its activities; | 18º publier des rapports contenant des statistiques complètes, des typologies et tendances de blanchiment de capitaux, de financement du terrorisme et de financement de la prolifération des armes de destruction massive ainsi que des informations sur ses activités; |
| 19° gutangariza abashinzwe gutanga amakuru icyo ivuga ku makuru avuye muri raporo zerekeye ibikorwa bikemangwa, tekiniki zigezweho, uburyo bukoreshwa, imihindagurikire cyangwa ingero z'ibikorwa byabaye by'iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi, ariko izo ngero ntizigaragazwemo amakuru agomba kugirwa ibanga; | 19º to provide feedback to reporting persons with regard to suspicious transactions reports, current technics, methods, trends or sanitised examples of actual money laundering, the financing of terrorism and the financing of proliferation of weapons of mass destruction cases, however, such examples must not contain confidential informations; | 19º fournir aux personnes déclarantes une réaction sur les déclarations d'opérations suspectes, des techniques actuelles, des méthodes, des tendances ou des exemples de cas réels épurés dans le domaine du blanchiment de capitaux, du financement du terrorisme et du financement de la prolifération des armes de destruction massive, toutefois, ces examples ne doivent pas contenir des informations confidentielles; |
| 20° gukora urutonde rw'abashinzwe gutanga amakuru no kuruvugurura; | 20º to develop and update a list of reporting persons; | 20º élaborer et mettre à jour une liste des personnes déclarantes ; |
| 21° kugira imikoranire n'inzego, imiryango cyangwa ibigo bikorera ku rwego | 21º to collaborate with institutions, organisations or agencies that operate at | 21º collaborer avec les institutions, organisations ou agences qui opèrent au |

| | | |
|---|---|---|
| rw'Igihugu no ku rwego mpuzamahanga mu kurwanya iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi. | national and international level in countering money laundering, the financing of terrorism and the financing of proliferation of weapons of mass destruction. | niveau national et international dans la lutte contre le blanchiment de capitaux, le financement du terrorisme et le financement de la prolifération des armes de destruction massive. |
| **<u>Ingingo ya 9</u>: Ububasha bwa FIC** | **<u>Article 9</u>: Powers of FIC** | **<u>Article 9 :</u> Pouvoirs du FIC** |
| FIC ifite ububasha bukurikira: | FIC has the following powers: | Le FIC a les pouvoirs suivants : |
| 1° kugenzura ibikorwa by'ihererekanya ry'imari byagaragajwe ko bikemangwa; | 1° to monitor financial transactions that have been reported as suspicious; | 1° surveiller les opérations financières signalées comme suspectes; |
| 2° kugera ku makuru y'imari, y'ubutegetsi n'ay'inzego zishinzwe iyubahirizwa ry'amategeko; | 2° to access financial, administrative and law enforcement information; | 2° accéder aux informations financières, administratives et celles des forces de l'ordre; |
| 3° kugera ku makuru koranabuhanga n'andi makuru ari muri za seriveri z'abashinzwe gutanga amakuru cyangwa izindi nzego hagamijwe gukora ubutasi ku mari; | 3° to access electronic data and other information banked in the servers of reporting persons and other organs for the purpose of financial intelligence; | 3° accéder aux données électroniques et d'autres informations stockées dans les serveurs des personnes déclarantes et d'autres organes à des fins de renseignements financiers; |
| 4° guhagarika no gufatira umutungo ukemangwa; | 4° to freeze and seize suspicious property or funds; | 4° geler et saisir les biens ou les fonds suspects; |
| 5° gutegeka ufite inyandiko mpamo n'inyandiko bwite ku bikorwa by'ihererekanya ry'imari kuziyishyikiriza; | 5° to order the person with authentic and private documents on financial transactions to submit them to it; | 5° ordonner à une personne détenant des documents authentiques et privés sur les opérations financières de les lui transmettre; |
| 6° gutegeka inzego zibishinzwe gutanga amakuru ajyanye n'imitungo y'abantu ku | 6° to order relevant organs to provide information related to the property and | 6° ordonner aux organes concernés de fournir les informations relatives aux |

| | | |
|---|---|---|
| giti cyabo cyangwa iy'ibigo bifite ubuzimagatozi bikekwaho icyaha cy'iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi, mu rwego rwo gukora ubutasi ku mari; | funds of individuals or legal entities suspected of committing money laundering, financing terrorism and financing the proliferation of weapons of mass destruction for the purpose of conducting financial intelligence; | biens et fonds des personnes physiques ou morales suspectées d'avoir commis les infractions de blanchiment de capitaux, de financement du terrorisme et de financement de la prolifération des armes de destruction massive afin de mener des renseignements financiers; |
| 7° gutanga cyangwa guhererekanya amakuru n'urwego rushinzwe ubutasi ku mari rwo mu kindi gihugu n'izindi nzego zo mu mahanga zifite ububasha bwo kubona amakuru ikeneye, iyo basangiye inshingano z'ibanga ry'akazi; | 7° to provide or exchange information with a financial intelligence authority from another country and other foreign organs with the power to access needed information, in case they have the same obligation of professional secrecy; | 7° fournir ou échanger des informations avec une autorité de renseignements financiers d'un autre pays ou d'autres organes étrangers dotés des pouvoirs d'accéder aux informations dont il a besoin, lorsqu'ils ont la même obligation de secret professionnel; |
| 8° gutegeka abashinzwe gutanga amakuru kuzana andi makuru y'inyongera afasha gusesengura iyo amakuru ahura n'amakuru yakiriwe; | 8° to order reporting persons to bring additional information useful for the analysis, when the information is correlated to received information; | 8° ordonner aux personnes déclarantes d'apporter des informations complémentaires nécessaires pour l'analyse lorsque ces informations sont liées aux informations reçues; |
| 9° gushyiraho amabwiriza agena amakosa yo mu rwego rw'ubutegetsi n'ibihano bijyanye na yo ku bashinzwe gutanga amakuru bagenzurwa na yo. | 9° to issue regulations determining administrative misconduct and related sanctions for reporting persons under its supervision. | 9° émettre des règlements déterminant les fautes administratives et les sanctions y relatives pour les personnes déclarantes sous sa supervision. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>UMUTWE WA III</u>: IMITUNGANYIRIZE N'IMIKORERE BYA FIC** | **<u>CHAPTER III</u>: ORGANISATION AND FUNCTIONING OF FIC** | **<u>CHAPITRE III :</u> ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT DU FIC** |
| **<u>Ingingo ya 10</u>: Inzego z'ubuyobozi za FIC** | **<u>Article 10</u>: Management organs of FIC** | **<u>Article 10 :</u> Organes de direction du FIC** |
| Inzego z'ubuyobozi za FIC ni izi zikurikira: | The management organs of FIC are the following: | Les organes de direction du FIC sont les suivants : |
| 1° Inama y'Ubuyobozi; | 1° Board of Directors; | 1° le Conseil d'administration; |
| 2° Urwego Nshingwabikorwa. | 2° Executive Organ. | 2° l'Organe exécutif. |
| **<u>Icyiciro cya mbere</u>: Inama y'Ubuyobozi** | **<u>Section One</u>: Board of Directors** | **<u>Section première :</u> Conseil d'administration** |
| **<u>Ingingo ya 11</u>: Abagize Inama y'Ubuyobozi** | **<u>Article 11</u>: Members of the Board of Directors** | **<u>Article 11 :</u> Membres du Conseil d'administration du FIC** |
| Inama y'Ubuyobozi ya FIC igizwe n'abantu barindwi (7) bashyirwaho n'Iteka rya Perezida, barimo Perezida na Visi Perezida bayo. | The Board of Directors of FIC is composed of seven (7) members appointed by a Presidential Order, including its Chairperson and Deputy Chairperson. | Le Conseil d'administration du FIC est composé de sept (7) membres nommés par arrêté présidentiel, dont son président et son vice-président. |
| Abagize Inama y'Ubuyobozi batoranywa hakurikijwe ubushobozi n'ubuzobere byabo mu byerekeye kurwanya iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi kimwe n'ibyaha bifitanye isano na byo. | Members of the Board of Directors are selected on the basis of their competence and expertise in countering money laundering, the financing of terrorism and the financing of proliferation of weapons of mass destruction as well as related crimes. | Les membres du Conseil d'administration sont choisis sur base de leurs compétence et expertise dans la lutte contre le blanchiment de capitaux, le financement du terrorisme et le financement de la prolifération des armes de destruction massive ainsi que les crimes connexes. |

| | | |
|---|---|---|
| Abagize Inama y'Ubuyobozi ntibagomba kubarizwa mu buryo butaziguye cyangwa buziguye mu bikorwa birebana n'inshingano za FIC. | Members of the Board of Directors must not engage, directly or indirectly, in activities related to the responsibilities of FIC. | Les membres du Conseil d'administration ne doivent pas être impliqués directement ou indirectement dans les activités liées aux attributions du FIC. |
| Nibura mirongo itatu ku ijana (30%) by'abagize Inama y'Ubuyobozi bagomba kuba ari abagore. | At least thirty percent (30%) of the members of the Board of Directors must be females. | Au moins trente pour cent (30%) des membres du Conseil d'administration doivent être de sexe féminin. |
| Igihe abagize Inama y'Ubuyobozi ya FIC bamara ku mirimo yabo n'uko basimburwa bigenwa n'Iteka rya Perezida. | A Presidential Order determines the term of office of members of the Board of Directors of FIC as well as modalities for their replacement. | Un arrêté présidentiel détermine la durée du mandat des membres du Conseil d'administration du FIC ainsi que les modalités de leur remplacement. |
| **<u>Ingingo ya 12</u>: Inshingano z'Inama y'Ubuyobozi ya FIC** | **<u>Article 12</u>: Responsibilities of the Board of Directors of FIC** | **<u>Article 12:</u> Attributions du Conseil d'administration du FIC** |
| Inama y'Ubuyobozi ya FIC ifite inshingano zikurikira: | The Board of Directors of FIC has the following responsibilities: | Le Conseil d'administration du FIC a les attributions suivantes: |
| 1° gukurikirana imikorere y'Urwego Nshingwabikorwa no gutanga umurongo ngenderwaho ugomba gukurikizwa mu kuzuza inshingano zarwo; | 1° to oversee the functioning of the Executive Organ and provide strategic guidance to be followed in the fulfilment of its responsibilities; | 1° superviser le fonctionnement de l'Organe exécutif et fournir une orientation stratégique qui doit être suivie dans l'accomplissement de ses attributions; |
| 2° gusuzuma no gutanga inama, ibyibwirije cyangwa ibisabwe, ku kibazo icyo ari cyo cyose n'ingamba zafasha FIC kuzuza inshingano zayo; | 2° to examine and advise on its own initiative or upon request, on any matter and measure enabling FIC to fulfil its responsibilities; | 2° examiner et conseiller, de sa propre initiative ou sur demande, sur toute question et mesure visant à permettre au FIC de remplir ses attributions; |

| | | |
|---|---|---|
| 3º kwemeza amabwiriza n'imirongo ngenderwaho FIC ishobora gushyiraho hashingiwe ku mategeko abigenga; | 3º to approve regulations and directives that FIC may issue in accordance with relevant laws; | 3° approuver les règlements et les directives que le FIC peut émettre conformément à la législation en la matière; |
| 4º gutegura amasezerano FIC yagirana n'andi mashami y'ubutasi ku mari yo mu mahanga; | 4º to draft a memorandum of understanding that FIC may conclude with other foreign financial intelligence centres; | 4° élaborer un mémorandum d'entente que le FIC peut conclure avec d'autres centres de renseignement financier étrangers; |
| 5º gusuzuma raporo ngarukamwaka y'ibikorwa bya FIC; | 5º to consider the annual activity report of FIC; | 5° examiner le rapport annuel d'activités du FIC; |
| 6º gukurikirana no gusuzuma ibyagezweho na FIC mu rwego rwo kumenya niba ingamba ziriho zikwiye cyangwa zikeneye kuvugururwa; | 6º to monitor and evaluate achievements of FIC in order to determine whether the strategies in place are adequate or need to be revised; | 6° faire le suivi et examiner les réalisations du FIC en vue de déterminer si les stratégies existantes sont appropriées ou ont besoin d'être révisées ; |
| 7º kwemeza amategeko ngengamikorere ya FIC; | 7º to approve internal rules and regulations of FIC; | 7° approuver le règlement d'ordre intérieur du FIC; |
| 8º kwemeza iteganyabikorwa na gahunda y'ibikorwa bya FIC hamwe na raporo zijyana na byo; | 8º to approve the strategic plan and action plan of FIC and related reports; | 8° approuver le plan stratégique et le plan d'action du FIC ainsi que les rapports y relatifs; |
| 9º kwemeza imbanzirizamushinga y'ingengo y'imari ya FIC no gukurikirana ikoreshwa ry'ingengo y'imari yayo; | 9º to approve the draft budget proposal of FIC and monitor the execution of its budget; | 9° approuver l'avant-projet de budget du FIC et faire le suivi de l'exécution de son budget; |

| | | |
|---|---|---|
| 10º kwemeza raporo y'ibikorwa n'imikoreshereze y'umutungo n'imari by'umwaka urangiye; | 10º to approve the report on activities and use of property and finance for the previous year; | 10° approuver le rapport d'activités et d'utilisation du patrimoine et des finances de l'année précédente; |
| 11º gukurikirana imikorere y'Urwego Nshingwabikorwa rwa FIC n'abakozi bayo; | 11º to monitor the performance of the Executive Organ of FIC and its personnel; | 11° faire le suivi de la performance de l'Organe exécutif du FIC et de son personnel; |
| 12º kwemeza umushinga *w'*imbonerahamwe n'imiterere y'imyanya y'imirimo kimwe n'imishahara n'ibindi bigenerwa abandi bakozi ba FIC. | 12º to approve the draft organisational structure and organisation chart of FIC, salaries and fringe benefits for other staff members of FIC. | 12° approuver le projet de cadre organique et d'organigramme du FIC, les salaires et avantages d'autres membres du personnel du FIC. |
| **<u>Ingingo ya 13</u>: Inshingano za Perezida w'Inama y'Ubuyobozi ya FIC** | **<u>Article 13</u>: Duties of the Chairperson of the Board of Directors of FIC** | **<u>Article 13 :</u> Attributions du président du Conseil d'administration du FIC** |
| Perezida w'Inama y'Ubuyobozi afite inshingano zikurikira: | The Chairperson of the Board of Directors has the following duties: | Le Président du Conseil d'administration a les attributions suivantes : |
| 1º gutumiza no kuyobora Inama y'Ubuyobozi; | 1º to convene and chair the meeting of Board of Directors; | 1° convoquer et présider la réunion du Conseil d'administration; |
| 2º gushyikiriza kopi y'inyandikomvugo n'inyandiko y'ibyemezo by'inama y'Inama y'Ubuyobozi urwego rureberera FIC; | 2º to submit to the supervising authority of FIC a copy of minutes and resolutions of the meeting of the Board of Directors; | 2° transmettre à l'organe de tutelle du FIC une copie du procès-verbal et des résolutions de la réunion du Conseil d'administration; |
| 3º gushyikiriza raporo za FIC zemejwe n'Inama y'Ubuyobozi inzego zibigenewe; | 3º to submit to relevant organs reports of FIC adopted by the Board of Directors; | 3° transmettre aux organes compétents les rapports du FIC adoptés par le Conseil d'administration; |

| | | |
|---|---|---|
| 4º gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'ibyemezo by'Inama y'Ubuyobozi; | 4º to follow up the implementation of resolutions of the Board of Directors; | 4° faire le suivi de la mise en œuvre des résolutions du Conseil d'administration; |
| 5º gukora indi mirimo yasabwa n'Inama y'Ubuyobozi iri mu nshingano zayo. | 5º to perform such other duties falling within the responsibilities of the Board of the Directors as the latter may assign to him or her. | 5° accomplir toute autre tâche relevant des attributions du Conseil d'administration que ce dernier peut lui confier. |
| **<u>Ingingo ya 14</u>: Inshingano za Visi Perezida w'Inama y'Ubuyobozi** | **<u>Article 14</u>: Duties of the Deputy Chairperson of the Board of Directors** | **<u>Article 14 :</u> Attributions du vice-président du Conseil d'administration** |
| Visi Perezida w'Inama y'Ubuyobozi afite inshingano zikurikira: | The Deputy Chairperson of the Board of Directors has the following duties: | Le vice-président du Conseil d'administration a les attributions suivantes : |
| 1º kunganira Perezida no kumusimbura igihe cyose adahari; | 1º to assist the Chairperson and deputize for him or her in case of absence; | 1° assister le président et le remplacer en cas d'absence; |
| 2º gukora indi mirimo iri mu nshingano z'Inama y'Ubuyobozi yahabwa na yo. | 2º to perform such other duties falling within the responsibilities of the Board of Directors as the latter may assign to him or her. | 2° accomplir toute autre tâche relevant des attributions du Conseil d'administration que ce dernier peut lui confier. |
| **<u>Ingingo ya 15</u>: Ibitabangikanywa no kuba mu bagize Inama y'Ubuyobozi** | **<u>Article 15</u>: Incompatibilities with membership of the Board of Directors** | **<u>Article 15 :</u> Incompatibilités avec la qualité de membre du Conseil d'administration** |
| Ibitabangikanywa no kuba mu bagize Inama y'Ubuyobozi ni ibi bikurikira: | The following incompatibilities apply to a member of the Board of Directors: | Les incompatibilités suivantes s'appliquent à un membre du Conseil d'administration : |
| 1º gukora umurimo ugenerwa igihembo muri FIC; | 1º to perform any remunerated activity within FIC; | 1° exercer une activité rémunérée au sein du FIC; |

| | | |
|---|---|---|
| 2º gupiganira amasoko atangwa na FIC, haba ku giti cye cyangwa ikigo afitemo imigabane. | 2º to bid for tenders of FIC either individually or through a company in which he or she holds shares. | 2º soumissionner aux marchés du FIC soit individuellement ou par l'intermédiaire d'une société dont il est actionnaire. |
| **Ingingo ya 16: Impamvu zituma ugize Inama y'Ubuyobozi ava muri uwo mwanya n'uko asimburwa** | **Article 16: Grounds for loss of membership of the Board of Directors and modalities for replacement** | **Article 16 : Causes de perte de la qualité de membre du Conseil d'administration et modalités de remplacement** |
| Ugize Inama y'Ubuyobozi ya FIC ava muri uwo mwanya iyo: | A member of the Board of Directors of FIC loses membership if: | Un membre du Conseil d'administration du FIC cesse d'être membre si : |
| 1° manda ye irangiye; | 1° his or her term of office expires; | 1° son mandat expire; |
| 2° yeguye akoresheje inyandiko; | 2° he or she resigns in writing; | 2° il démissionne par écrit; |
| 3° atagishoboye gukora imirimo ye kubera uburwayi cyangwa ubumuga bwemejwe n'akanama k'abaganga batatu (3) bemewe na Leta; | 3° he or she is no longer able to perform his or her duties due to sickness or disability certified by a committee of three (3) authorised medical doctors; | 3° il n'est plus en mesure de remplir ses fonctions pour cause de maladie ou d'incapacité confirmée par une commission de trois (3) médecins agréés; |
| 4° akatiwe burundu igihano cy'igifungo kingana cyangwa kirengeje amezi atandatu (6); | 4° he or she is definitively sentenced to a term of imprisonment equal to or exceeding six (6) months; | 4° il est définitivement condamné à une peine d'emprisonnement égale ou supérieure à six (6) mois; |
| 5° asibye inama inshuro eshatu (3) zikurikirana nta mpamvu zifite ishingiro; | 5° he or she fails to attend three (3) consecutive meetings without valid reasons; | 5° il s'absente à trois (3) réunions consécutives sans raisons valables; |
| 6° agaragaje imyitwarire yose yamutesha agaciro cyangwa yatesha agaciro umurimo akora cyangwa urwego arimo; | 6° he or she demonstrates any behaviour likely to compromise his or her dignity or dishonour his or her office or institution; | 6° il manifeste tout comportement susceptible de compromettre sa dignité ou de déshonorer sa fonction ou son institution; |

| | | |
|---|---|---|
| 7° abangamira inyungu za FIC; | 7° he or she jeopardizes the interests of FIC; | 7° il compromet les intérêts du FIC; |
| 8° ahamwe n'icyaha cya jenoside cyangwa icyaha cy'ingengabitekerezo ya jenoside; | 8° he or she is convicted of the crime of genocide or genocide ideology; | 8° il est reconnu coupable du crime de génocide ou d'idéologie de génocide; |
| 9° atacyujuje impamvu zashingiweho ashyirwa muri uwo mwanya; | 9° he or she no longer fulfils the requirements considered at the time of his or her appointment; | 9° il ne remplit plus les conditions pour lesquelles il avait été nommé; |
| 10° apfuye. | 10° he or she dies. | 10° il décède. |
| Iyo umwe mu bagize Inama y'Ubuyobozi ya FIC avuye mu mirimo ye mbere y'uko manda ye irangira, urwego rubifitiye ububasha rushyiraho umusimbura. Ushyizweho arangiza manda y'uwo asimbuye. | In case a member of the Board of Directors of FIC leaves office before the expiry of his or her term of office, the competent authority appoints his or her replacement. The appointee holds office for the remainder of his or her predecessor's term of office. | Lorsqu'un membre du Conseil d'administration du FIC perd la qualité de membre avant l'expiration de son mandat, l'organe compétent nomme son remplaçant. La personne nommée termine le mandat de son prédécesseur. |
| **<u>Ingingo ya 17</u>: Itumizwa n'iterana ry'inama z'Inama y'Ubuyobozi n'ifatwa ry'ibyemezo** | **<u>Article 17</u>: Convening and holding of the meetings of the Board of Directors and decision-making modalities** | **<u>Article 17 :</u> Convocation et tenue des réunions du Conseil d'administration et modalités de prise de décisions** |
| Inama y'Inama y'Ubuyobozi iterana rimwe mu gihembwe n'igihe cyose bibaye ngombwa itumijwe na Perezida wayo cyangwa Visi Perezida igihe Perezida adahari, abyibwirije cyangwa abisabwe mu nyandiko nibura na kimwe cya gatatu (1/3) cy'abayigize. | The meeting of the Board of Directors is held once a quarter and whenever necessary upon invitation by its Chairperson or Deputy Chairperson in case of absence of its Chairperson, at his or her own initiative or upon request in writing by at least one third (1/3) of its members. | La réunion du Conseil d'administration se tient une fois par trimestre et chaque fois que de besoin, sur convocation de son président ou de son vice-président en cas d'absence du président, de sa propre initiative ou à la demande écrite d'au moins un tiers (1/3) de ses membres. |

| | | |
|---|---|---|
| Ubutumire bukorwa mu nyandiko ishyikirizwa abagize Inama y'Ubuyobozi hasigaye nibura iminsi cumi n'itanu (15) ngo inama iterane.<br><br>Icyakora, inama idasanzwe itumizwa mu nyandiko hasigaye nibura iminsi itatu (3) kugira ngo iterane.<br><br>Mu byigwa n'Inama y'Ubuyobozi mu gihembwe cya mbere cy'umwaka, harimo kwemeza raporo y'imari n'iy'ibikorwa by'umwaka urangiye.<br><br>Buri gihembwe kandi, Inama y'Ubuyobozi igomba gusuzuma raporo y'imari n'iy'ibikorwa byerekeranye n'igihembwe kirangiye, igashyikirizwa urwego rureberera FIC.<br><br>Umubare wa ngombwa kugira ngo inama y'Ubuyobozi iterane ni bibiri bya gatatu (2/3) by'abayigize.<br><br>Abagize Inama y'Ubuyobozi ntibemerewe guhagararirwa mu nama zayo.<br><br>Umuyobozi Mukuru yitabira inama z'Inama y'Ubuyobozi ariko ntatora igihe cyo gufata ibyemezo. | The invitation is submitted in writing to the members of the Board of Directors at least fifteen (15) days before the meeting is held.<br><br>However, an extraordinary meeting is convened in writing at least three (3) days before the meeting is held.<br><br>Items to be considered by the meeting of the Board of Directors in the first quarter of the year include the approval of the financial and activity reports of the previous year.<br><br>Every quarter, the Board of Directors must examine the financial and activity reports relating to the previous quarter and submit them to the supervising authority of FIC.<br><br>The quorum for a meeting of the Board of Directors is two-thirds (2/3) of its members.<br><br>Members of the Board of Directors are not allowed to be represented at its meetings.<br><br>The Director General attends the meetings of the Board of Directors but without the right to vote during decision-making. | L'invitation est adressée par écrit aux membres du Conseil d'administration au moins quinze (15) jours avant la tenue de la réunion.<br><br>Toutefois, une réunion extraordinaire est convoquée par écrit au moins trois (3) jours avant la tenue de la réunion.<br><br>Les points à examiner par le Conseil d'administration au cours du premier trimestre comprennent l'approbation du rapport financier et celui d'activités de l'année précédente.<br><br>Chaque trimestre, le Conseil d'administration doit examiner le rapport financier et celui d'activités relatifs au trimestre précédent et les transmettre à l'organe de tutelle du FIC.<br><br>Le quorum de la réunion du Conseil d'administration est de deux tiers (2/3) de ses membres.<br><br>Les membres du Conseil d'administration ne sont pas autorisés à se faire représenter à ses réunions.<br><br>Le Directeur général participe aux réunions du Conseil d'administration, mais sans droit de vote lors de la prise de décisions. |

| | | |
|---|---|---|
| Inama y'Inama y'Ubuyobozi ifata ibyemezo ku bwumvikane busesuye. Iyo bidashobotse, ibyemezo bifatwa ku bwiganze burunduye bw'amajwi y'abahari. Mu gihe nta bwiganze bw'amajwi, ijwi ry'uyoboye inama rikemura impaka. | The meeting of the Board of Directors makes decisions by consensus. If consensus is not reached, decisions are made by an absolute majority of votes of members present. In case of a tie, the chairperson of the meeting has the casting vote. | La réunion du Conseil d'administration prend ses décisions par consensus. À défaut de consensus, les décisions sont prises à la majorité absolue des voix des membres présents. En cas d'égalité des voix, celle du président de la réunion est prépondérante. |
| **<u>Ingingo ya 18</u>: Itumirwa ry'undi muntu mu nama z' Inama y'Ubuyobozi** | **<u>Article 18</u>: Invitation of a resource person to the meeting of the Board of Directors** | **<u>Article 18 :</u> Invitation d'une personne ressource à la réunion du Conseil d'administration** |
| Inama y'Ubuyobozi ishobora gutumira mu nama yayo umuntu wese ibona ko ashobora kuyungura inama ku ngingo runaka ifite ku murongo w'ibyigwa. | The Board of Directors may invite in its meeting any person from whom it may seek advice on a certain item on the agenda. | Le Conseil d'administration peut inviter à sa réunion toute personne dont il peut obtenir des conseils sur un point quelconque à l'ordre du jour. |
| Uwatumiwe ntiyemerewe gutora no gukurikirana iyigwa ry'izindi ngingo ziri ku murongo w'ibyigwa. | The invited person is not allowed to vote or to follow debates on other items on the agenda. | La personne invitée n'est pas autorisée à voter ni à suivre les débats sur d'autres points à l'ordre du jour. |
| **<u>Ingingo ya 19</u>: Iyemezwa ry'ibyemezo n'inyandikomvugo by'inama y'Inama y'Ubuyobozi** | **<u>Article 19</u>: Approval of resolutions and minutes of the meeting of the Board of Directors** | **<u>Article 19:</u> Approbation des résolutions et procès-verbal de la réunion du Conseil d'administration** |
| Inyandiko y'ibyemezo by'inama y'Inama y'Ubuyobozi ishyirwaho umukono n'abayigize inama ikirangira, kopi yayo ikohererezwa urwego rureberera FIC mu gihe kitarenze iminsi itanu (5) y'akazi. | Resolutions of the meeting of the Board of Directors are jointly signed by its members immediately after the end of the meeting and a copy is sent to the supervising authority of FIC within a period of five (5) working days. | Les résolutions de la réunion du Conseil d'administration sont immédiatement signées par ses membres après la séance et leur copie est transmise à l'organe de tutelle du FIC dans un dépassant pas cinq (5) jours ouvrables. |

| | | |
|---|---|---|
| Inyandikomvugo y'inama y'Inama y'Ubuyobozi yemezwa mu nama ikurikira igashyirwaho umukono na Perezida n'umwanditsi wayo. Kopi y'inyandikomvugo yohererezwa urwego rureberera FIC, mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) guhera ku munsi yemerejweho. | The minutes of the meeting of the Board of Directors are approved at the next meeting and signed by the Chairperson and its rapporteur. A copy of the minutes is sent to the supervising authority of FIC within a period of fifteen (15) days from the day of its approval. | Le procès-verbal de la réunion du Conseil d'administration est approuvé lors de la séance suivante et signé conjointement par le président et son rapporteur. Une copie du procès-verbal est transmise à l'organe de tutelle du FIC dans un délai ne dépassant pas quinze (15) jours à compter du jour de son approbation. |
| **Ingingo ya 20: Umwanditsi w'inama y'Inama y'Ubuyobozi** | **Article 20: Rapporteur of the meeting of the Board of Directors** | **Article 20 : Rapporteur de la réunion du Conseil d'administration** |
| Umuyobozi Mukuru ni we mwanditsi w'inama z'Inama y'Ubuyobozi. | The Director General is the rapporteur of the meeting of the Board of Directors. | Le Directeur général est le rapporteur de la réunion du Conseil d'administration. |
| Umuyobozi Mukuru ntajya mu nama z'Inama y'Ubuyobozi zifata ibyemezo ku bibazo bimureba ku giti cye. Icyo gihe, abagize Inama y'Ubuyobozi bitoramo umwanditsi. | The Director General does not participate in the meetings of the Board of Directors that take decisions on issues that concern him or her. In that case, members of the Board of Directors elect a rapporteur from among themselves. | Le Directeur général ne participe pas aux réunions du Conseil d'administration qui prennent des décisions qui le concernent. Dans ce cas, les membres du Conseil d'administration élisent en leur sein un rapporteur. |
| **Ingingo ya 21: Inyungu bwite mu kibazo gisuzumwa** | **Article 21: Personal interest in an item under consideration** | **Article 21 : Intérêt personnel dans un point à l'examen** |
| Iyo uri mu bagize Inama y'Ubuyobozi afite inyungu bwite itaziguye cyangwa iziguye mu kibazo gisuzumwa, agomba kumenyesha mbere y'uko inama y'Inama y'Ubuyobozi iterana, aho inyungu ze zishingiye. Umenyesheje inyungu afite ku kibazo cyigwa, ntajya mu nama yiga kuri icyo kibazo. | When a member of the Board of Directors has a direct or indirect personal interest in the item to be considered, he or she must beforehand inform the Board of Directors about where his or her interest lies. A member who informs of his or her interest in the item to be considered | Lorsqu'un membre du Conseil d'administration a un intérêt personnel direct ou indirect dans un point à examiner, il doit en informer préalablement le Conseil d'administration et montrer où son intérêt repose. Le membre qui informe de son intérêt |

| | | |
|---|---|---|
| | does not attend the meeting deliberating on that item. | dans un point à examiner ne participe pas à la réunion qui examine ce point. |
| Iyo bigaragaye ko benshi cyangwa bose mu bagize Inama y'Ubuyobozi bafite inyungu bwite itaziguye cyangwa iziguye mu kibazo gisuzumwa, ku buryo bidashoboka gufata ibyemezo kuri icyo kibazo, icyo kibazo gishyikirizwa urwego rureberera FIC rukagifataho icyemezo mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30). | When it is noted that most or all members of the Board of Directors have a direct or indirect personal interest in the item to be considered in such a way that it is impossible to decide on the item, such an item is submitted to the supervising authority of FIC for decision, within a period of thirty (30) days. | Lorsqu'il apparaît que la majorité ou l'ensemble des membres du Conseil d'administration ont un intérêt personnel direct ou indirect dans un point à examiner de sorte que la prise de décisions sur ce point devient impossible, ce point est soumis à l'organe de tutelle du FIC pour décision dans un délai ne dépassant pas trente (30) jours. |
| **<u>Ingingo ya 22</u>: Ibigenerwa abagize Inama y'Ubuyobozi bitabiriye inama** | **<u>Article 22</u>: Sitting allowances for members of the Board of Directors** | **<u>Article 22 :</u> Jetons de présence pour les membres du Conseil d'administration** |
| Iteka rya Perezida rigena ibigenerwa abagize Inama y'Ubuyobozi bitabiriye inama. | A Presidential Order determines sitting allowances for members of the Board of Directors. | Un arrêté présidentiel détermine les jetons de présence alloués aux membres du Conseil d'administration. |
| **<u>Icyiciro cya 2</u>: Urwego Nshingwabikorwa** | **<u>Section 2</u>: Executive Organ** | **<u>Section 2 :</u> Organe exécutif** |
| **<u>Ingingo ya 23</u>: Abagize Urwego Nshingwabikorwa n'uko bashyirwaho** | **<u>Article 23</u>: Composition of the Executive Organ and modalities for appointment of its members** | **<u>Article 23 :</u> Composition de l'Organe exécutif et modalités de nomination de ses membres** |
| Urwego Nshingwabikorwa rwa FIC rugizwe n'Umuyobozi Mukuru ushyirwaho n'Iteka rya Perezida n'abandi bakozi bashyirwaho hakurikijwe amategeko abigenga. | The Executive Organ of FIC is comprised of the Director General appointed by a Presidential Order and other staff members appointed in accordance with relevant laws. | L'Organe exécutif du FIC est composé du Directeur général nommé par arrêté présidentiel et d'autres membres du personnel nommés conformément à la législation en la matière. |

| | | |
|---|---|---|
| Iteka rya Perezida rishobora kandi gushyiraho Umuyobozi Mukuru Wungirije, rikanagena ububasha n'inshingano bye n'ibimugenerwa. | A Presidential Order may also appoint a Deputy Director General and determine his or her powers, responsibilities and fringe benefits. | Un arrêté présidentiel peut également nommer le Directeur général adjoint et déterminer ses pouvoirs, ses attributions et avantages. |
| **<u>Ingingo ya 24</u>: Inshingano z'Urwego Nshingwabikorwa** | **<u>Article 24</u>: Responsibilities of the Executive Organ** | **<u>Article 24 :</u> Attributions de l'Organe exécutif** |
| Urwego Nshingwabikorwa rwa FIC rufite inshingano zikurikira: | The Executive Organ of FIC has the following responsibilities: | L'Organe exécutif du FIC a les attributions suivantes : |
| 1 º gutunganya no guhuza ishyirwa mu bikorwa rya buri munsi ry'inshingano zose za FIC; | 1º to organise and coordinate the daily implementation of all responsibilities of FIC; | 1º organiser et coordonner la réalisation quotidienne de toutes les attributions du FIC; |
| 2 º gushyira mu bikorwa ibyemezo by'Inama y'Ubuyobozi; | 2º to implement the resolutions of the Board of Directors; | 2º exécuter les résolutions du Conseil d'administration; |
| 3 º gushyira mu bikorwa ingengo y'imari ya FIC; | 3º to execute the budget of FIC; | 3º exécuter le budget du FIC ; |
| 4 º gutegura no gutanga gahunda y'ibikorwa na raporo y'ibikorwa bishyikirizwa inzego zibigenewe; | 4º to draft and submit the action plan and activity report to be submitted to relevant organs; | 4º élaborer et présenter le plan d'action et le rapport d'activités à soumettre aux organes compétents ; |
| 5 º gutegura umushinga w'imbonerahamwe n'imiterere y'imyanya y'imirimo kimwe n'imishahara n'ibindi bigenerwa abandi bakozi ba FIC; | 5º to prepare the draft organisational structure and organisation chart and propose salaries and fringe benefits for other staff members of FIC; | 5º préparer le projet de cadre organique et d'organigramme ainsi que celui de salaires et avantages accordés aux autres membres du personnel du FIC ; |

| | | |
|---|---|---|
| 6 º gukora indi mirimo yose ijyanye n'inshingano za FIC rwasabwa n'Inama y'Ubuyobozi. | 6º to perform such other duties related to the responsibilities of FIC as the Board of Directors may assign to him or her. | 6º accomplir toute autre tâche en rapport avec les attributions du FIC que le Conseil d'administration peut lui confier. |
| **<u>Ingingo ya 25</u>: Ububasha n'inshingano by'Umuyobozi Mukuru** | **<u>Article 25</u>: Powers and responsibilities of the Director General** | **<u>Article 25 :</u> Pouvoirs et attributions du Directeur général** |
| Umuyobozi Mukuru afite ububasha n'inshingano byo gufata ibyemezo mu micungire y'abakozi n'umutungo bya FIC akurikije amategeko abigenga. | The Director General has the power and duty to make decisions on the management of human resources and property of FIC in accordance with relevant laws. | Le Directeur général a le pouvoir et la responsabilité de prendre des décisions concernant la gestion des ressources humaines et du patrimoine du FIC conformément à la législation en la matière. |
| Umuyobozi Mukuru wa FIC afite inshingano zikurikira: | The Director General of FIC has the following responsibilities: | Le Directeur général du FIC a les attributions suivantes : |
| 1° gukurikirana ibikorwa bya buri munsi bya FIC; | 1º to follow up daily activities of FIC; | 1° faire le suivi des activités quotidiennes du FIC; |
| 2° gushyira mu bikorwa ibyemezo by'Inama y'Ubuyobozi; | 2º to implement resolutions of the Board of Directors; | 2° exécuter les résolutions du Conseil d'administration; |
| 3° guhagararira FIC imbere y'amategeko; | 3º to act as the legal representative of FIC; | 3° être le représentant légal du FIC; |
| 4° gushyira mu bikorwa no kugenzura iyubahirizwa ry'amategeko n'amabwiriza yerekeranye no gukumira iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi; | 4º to enforce and ensure compliance with laws and regulations related to the prevention of money laundering, the financing of terrorism and the financing of proliferation of weapons of mass destruction; | 4º mettre en application et assurer le respect des lois et des règlements relatifs à la prévention du blanchiment de capitaux, le financement du terrorisme et le financement de la prolifération des armes de destruction massive; |

| | | |
|---|---|---|
| 5° kugenzura niba abakozi bubahiriza amategeko agenga imyitwarire; | 5º to ensure that staff members comply with disciplinary rules; | 5º veiller à ce que le personnel se conforme aux règles régissant la discipline; |
| 6° gutegura umushinga w'amategeko ngengamikorere n'amabwiriza ngengamikorere bya FIC byemezwa n'Inama y'Ubuyobozi ya FIC; | 6º to propose draft internal rules and regulations and procedure rules of FIC to be approved by the Board of Directors of FIC; | 6º proposer le projet de règlement d'ordre intérieur et de règles de procédures du FIC devant être approuvés par le Conseil d'administration du FIC; |
| 7° gushyikiriza raporo y'ibikorwa na raporo y'imikoreshereze y'imari bya FIC Inama y'Ubuyobozi, nibura rimwe mu gihembwe n'igihe bibaye ngombwa; | 7º to submit to the Board of Directors activity report and budget execution report of FIC at least once a quarter and when considered necessary; | 7º transmettre au Conseil d'administration le rapport d'activités et le rapport d'exécution budgétaire du FIC au moins une fois par trimestre et lorsque cela est jugé nécessaire; |
| 8° gucunga ingengo y'imari ya FIC no kuyishyira mu bikorwa; | 8º to manage and execute the budget of FIC; | 8º gérer et exécuter le budget du FIC; |
| 9° gukurikirana ikoreshwa ry'ingengo y'imari no gucunga umutungo wa FIC; | 9º to monitor the execution of the budget and manage the property of FIC; | 9º faire le suivi de l'exécution du budget et gérer le patrimoine du FIC; |
| 10° guca ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi; | 10º to impose administrative fines; | 10° imposer des amendes administratives; |
| 11° kwitabira inama z'Inama y'Ubuyobozi no kuba umwanditsi; | 11º to attend meetings of the Board of Directors and serve as its rapporteur; | 11° participer aux réunions du Conseil d'administration et en être le rapporteur; |
| 12° gutanga raporo y'ibikorwa bya buri gihembwe ku Nama y'Ubuyobozi ya FIC; | 12º to submit the quarterly activity report to the Board of Directors of FIC; | 12° soumettre au Conseil d'administration du FIC le rapport d'activités trimestriel ; |
| 13° gukora indi mirimo yahabwa n'Inama y'Ubuyobozi. | 13º to perform such other duties as the Board of Directors may assign to him or her. | 13° accomplir toute autre tâche que le Conseil d'administration peut lui confier. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 26</u>: Ibigenerwa Umuyobozi Mukuru wa FIC** | **<u>Article 26</u>: Fringe benefits for the Director General of FIC** | **<u>Article 26:</u> Avantages accordés au Directeur général du FIC** |
| Iteka rya Perezida rigena ibigenerwa Umuyobozi Mukuru wa FIC. | A Presidential Order determines fringe benefits for the Director General of FIC. | Un arrêté présidentiel détermine les avantages accordés au Directeur général du FIC. |
| **<u>Ingingo ya 27</u>: Abakozi ba FIC** | **<u>Article 27</u>: Staff members of FIC** | **<u>Article 27:</u> Membres du personnel du FIC** |
| Abakozi ba FIC bagizwe n'abakozi bafite uburambe n'ubumenyi mu byerekeye kurwanya ibyaha by'iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi, ubutasi ku mari n'isesenguramari. | Staff members of FIC include staff members experienced and skilled in the fight against the crimes of money laundering, the financing of terrorism and the financing of proliferation of weapons of mass destruction, financial intelligence and financial analysis. | Les membres du personnel du FIC comprennent le personnel expérimenté et qualifié dans la lutte contre les crimes de blanchiment de capitaux, le financement du terrorisme et le financement de la prolifération des armes de destruction massive, le renseignement financier et l'analyse financière. |
| **<u>Ingingo ya 28</u>: Sitati igenga abakozi ba FIC** | **<u>Article 28</u>: Statutes governing staff members of FIC** | **<u>Article 28:</u> Statut régissant les membres du personnel du FIC** |
| Iteka rya Perezida rishyiraho sitati yihariye igenga abakozi ba FIC. | A Presidential Order determines special statutes governing staff members of FIC. | Un arrêté présidentiel détermine le statut particulier régissant les membres du personnel du FIC. |
| **<u>Ingingo ya 29</u>: Imbonerahamwe y'imyanya y'imirimo, imishahara n'ibindi bigenerwa abandi bakozi ba FIC** | **<u>Article 29</u>: Organisational structure, salaries and fringe benefits for other staff members of FIC** | **<u>Article 29:</u> Cadre organique, salaires et avantages accordés aux autres membres du personnel du FIC** |
| Iteka rya Minisitiri w'Intebe rigena imbonerahamwe n'imiterere y'imyanya y'imirimo kimwe n'imishahara n'ibindi bigenerwa abandi bakozi ba FIC. | A Prime Minister's Order determines the organisational structure and organisation chart, salaries and fringe benefits for other staff members of FIC. | Un arrêté du Premier Ministre détermine le cadre organique et l'organigramme, les salaires et avantages accordés aux autres membres du personnel du FIC. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 30</u>: Imikorere ya FIC n'imikoranire yayo n'izindi nzego** | **<u>Article 30:</u> Functioning of FIC and its collaboration with other organs** | **<u>Article 30:</u> Fonctionnement du FIC et sa collaboration avec d'autres organes** |
| Mu kurangiza inshingano zayo, FIC ikorana n'inzego zishinzwe umutekano, iz'ubutabera n'iz'ubutegetsi mu Gihugu, mu karere no ku rwego mpuzamahanga hagamijwe guhererekanya amakuru, ku byerekeye kurwanya ibyaha by'iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi. | In the performance of its mission, FIC collaborates with security, judicial and administrative organs at national, regional and international levels in order to share information related to the fight against the crimes of money laundering, the financing of terrorism and the financing of proliferation of weapons of mass destruction. | Dans l'accomplissement de sa mission, le FIC collabore avec d'autres organes sécuritaires, judiciaires et administratifs, tant nationaux, régionaux qu'internationaux en vue d'échange d'informations relatives à la lutte contre les crimes de blanchiment de capitaux, le financement du terrorisme et le financement de la prolifération des armes de destruction massive. |
| FIC ishyiraho amategeko ngengamikorere yayo. Mu byo ayo mategeko ngengamikorere ateganya harimo imikorere y'inzego za FIC n'imikoranire yayo n'abashinzwe gutanga amakuru. | FIC establishes its internal rules and regulations. The internal rules and regulations cover among other provisions, the functioning of FIC organs and its collaboration with reporting persons. | Le FIC établit son règlement d'ordre intérieur. Ce règlement prévoit, entre autres, les dispositions relatives au fonctionnement des organes du FIC et sa collaboration avec les personnes déclarantes. |
| **<u>UMUTWE WA IV</u>: UMUTUNGO N'IMARI BYA FIC** | **<u>CHAPTER IV</u>: PROPERTY AND FINANCE OF FIC** | **<u>CHAPITRE IV :</u> PATRIMOINE ET FINANCES DU FIC** |
| **<u>Ingingo ya 31</u>: Umutungo wa FIC n'inkomoko yawo** | **<u>Article 31</u>: Property of FIC and its sources** | **<u>Article 31:</u> Patrimoine du FIC et ses sources** |
| Umutungo wa FIC ugizwe n'ibintu byimukanwa n'ibitimukanwa. | The property of FIC consists of movables and immovables. | Le patrimoine du FIC comprend les biens meubles et immeubles. |
| Umutungo wa FIC ukomoka kuri ibi bikurikira: | The property of FIC comes from the following sources: | Le patrimoine du FIC provient des sources suivantes : |

| | | |
|---|---|---|
| 1° ingengo y'imari ya Leta;<br><br>2° inkunga zaba iza Leta cyangwa iz'abafatanyabikorwa;<br><br>3° inguzanyo zihabwa FIC zemewe na Minisitiri ufite imari mu nshingano;<br><br>4° impano n'indagano. | 1° State budget allocations;<br><br>2° State or partners' subsidies;<br><br>3° loans granted to FIC as approved by the Minister in charge of finance;<br><br>4° donations and bequests. | 1° les allocations budgétaires de l'Etat;<br><br>2° les subventions de l'Etat et des partenaires;<br><br>3° les prêts accordés au FIC approuvés par le Ministre ayant les finances dans ses attributions;<br><br>4° dons et legs. |
| **Ingingo ya 32: Ingengo y'imari** | **Article 32: Budget** | **Article 32 : Budget** |
| FIC itegura ingengo y'imari yayo ya buri mwaka ikemezwa n'urwego rubifitiye ububasha kandi igakoreshwa hakurikijwe amategeko abigenga. | FIC prepares its annual budget to be approved by the relevant authority and used in accordance with relevant laws. | Le FIC prépare son budget annuel qui est approuvé par l'autorité compétente et utilisé conformément à la législation en la matière. |
| **Ingingo ya 33: Imikoreshereze, imicungire n'imigenzurire by'umutungo wa FIC** | **Article 33: Use, management and audit of the property of FIC** | **Article 33 : Utilisation, gestion et audit du patrimoine du FIC** |
| Imikoreshereze, imicungire n'imigenzurire by'umutungo wa FIC bikorwa hakurikijwe amategeko abigenga.<br><br>Ishami rishinzwe ubugenzuzi bwite muri FIC rikora ubugenzuzi ku buryo buhoraho rigaha raporo Inama y'Ubuyobozi, rikagenera kopi Umuyobozi Mukuru wa FIC. | The use, management and audit of the property of FIC are carried out in accordance with relevant laws.<br><br>The internal audit unit of FIC conducts on a regular basis audit and submits a report to the Board of Directors with a copy to the Director General of FIC. | L'utilisation, la gestion et l'audit du patrimoine du FIC sont effectués conformément à la législation en la matière.<br><br>L'unité d'audit interne du FIC effectue l'audit d'une façon régulière et transmet son rapport au Conseil d'administration et réserve copie au Directeur général du FIC. |

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 34: Raporo y'umwaka w'ibaruramari** | **Article 34: Annual financial report** | **Article 34 : Rapport financier annuel** |
| Mu gihe kitarenze amezi atatu (3) akurikira impera z'umwaka w'ibaruramari, Umuyobozi Mukuru ashyikiriza urwego rureberera FIC raporo y'umwaka w'ibaruramari, imaze kwemezwa n'Inama y'Ubuyobozi hakurikijwe amategeko agenga imicungire y'imari n'umutungo bya Leta. | Within a period not exceeding three (3) months following the closure of the financial year, the Director General submits the annual financial report to the supervising authority of FIC after its approval by the Board of Directors in accordance with laws governing the management of State finance and property. | Dans un délai ne dépassant pas trois (3) mois suivant la fin de l'année budgétaire, le Directeur Général transmet à l'organe de tutelle du FIC le rapport financier annuel après son approbation par le Conseil d'administration conformément à la loi régissant la gestion des finances et du patrimoine de l'État. |
| **UMUTWE WA V: INGINGO ZISOZA** | **CHAPTER V: FINAL PROVISIONS** | **CHAPITRE V : DISPOSITIONS FINALES** |
| **Ingingo ya 35: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko** | **Article 35: Drafting, consideration and adoption of this Law** | **Article 35 : Initiation, examen et adoption de la présente loi** |
| Iri tegeko ryateguwe mu rurimi rw'Icyongereza, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda. | This Law was drafted in English, considered and adopted in Ikinyarwanda. | La présente loi a été initiée en anglais, examinée et adoptée en ikinyarwanda. |
| **Ingingo ya 36: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko** | **Article 36: Repealing provision** | **Article 36 : Disposition abrogatoire** |
| Ingingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho. | All prior legal provisions inconsistent with this Law are repealed. | Toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées. |
| **Ingingo ya 37: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa** | **Article 37: Commencement** | **Article 37 : Entrée en vigueur** |
| Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda. | This Law comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda. | La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda. |

| | | |
|---|---|---|
| Kigali, ku wa 29/01/2020<br><br>(Sé)<br>**KAGAME Paul**<br>Perezida wa Repubulika | Kigali, on 29/01/2020<br><br>(Sé)<br>**KAGAME Paul**<br>President of the Republic | Kigali, le 29/01/2020<br><br>(Sé)<br>**KAGAME Paul**<br>Président de la République |
| (Sé)<br>**Dr NGIRENTE Edouard**<br>Minisitiri w'Intebe | (Sé)<br>**Dr NGIRENTE Edouard**<br>Prime Minister | (Sé)<br>**Dr NGIRENTE Edouard**<br>Premier Ministre |
| **Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**<br><br>(Sé)<br>**BUSINGYE Johnston**<br>Minisitiri w'Ubutabera/ Intumwa Nkuru ya Leta | **Seen and sealed with the Seal of the Republic:**<br><br>(Sé)<br>**BUSINGYE Johnston**<br>Minister of Justice/Attorney General | **Vu et scellé du Sceau de la République :**<br><br>(Sé)<br>**BUSINGYE Johnston**<br>Ministre de la Justice/Garde des Sceaux |

| | | |
|---|---|---|
| **ITEGEKO N° 001/2020 RYO KU WA 02/02/2020 RIHINDURA ITEGEKO N° 32/2016 RYO KU WA 28/08/2016 RIGENGA ABANTU N'UMURYANGO** | **LAW N° 001/2020 OF 02/02/2020 AMENDING LAW N° 32/2016 OF 28/08/2016 GOVERNING PERSONS AND FAMILY** | **LOI N° 001/2020 DU 02/02/2020 PORTANT MODIFICATION DE LA LOI N° 32/2016 DU 28/08/2016 RÉGISSANT LES PERSONNES ET LA FAMILLE** |
| **ISHAKIRO** | **TABLE OF CONTENTS** | **TABLE DES MATIÈRES** |
| **Ingingo ya mbere: Umwanditsi w'irangamimerere** | **Article One: Civil registrar** | **Article premier : Officier de l'état civil** |
| **Ingingo ya 2: Igenzurwa ry'umwanditsi w'irangamimerere** | **Article 2: Supervision of the civil registrar** | **Article 2 : Supervision de l'officier de l'état civil** |
| **Ingingo ya 3: Gushyira inomero ku bitabo by'irangamimerere** | **Article 3: Numbering civil status registers** | **Article 3 : Numérotation des registres de l'état civil** |
| **Ingingo ya 4: Igihe ibitabo by'irangamimerere bifungurirwa n'igihe bisorezwa** | **Article 4: Opening and closure of civil status registers** | **Article 4 : Ouverture et clôture des registres de l'état civil** |
| **Ingingo ya 5: Aho ibitabo by'irangamimerere bibikwa** | **Article 5: Location for archiving civil status registers** | **Article 5 : Lieu d'archivage des registres de l'état civil** |
| **Ingingo ya 6: Urubanza rusimbura inyandiko y'irangamimerere** | **Article 6: Judgment substituting a civil status record** | **Article 6 : Jugement supplétif d'acte de l'état civil** |
| **Ingingo ya 7: Imenyakanisha ry'izimira ry'inyandiko z'irangamimerere n'uburyo zisubizwaho** | **Article 7: Procedure for declaration and restoration of disappeared civil status records** | **Article 7 : Procédure de déclaration et de rétablissement des actes d'état civil disparus** |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 8:</u> Urubanza rusubizaho igitabo cy'irangamimerere** | **<u>Article 8</u>: Judgment ordering restoration of a civil status register** | **<u>Article 8 :</u> Jugement de rétablissement d'un registre de l'état civil** |
| **<u>Ingingo ya 9:</u> Iyandikisha ry'ivuka ry'umwana** | **<u>Article 9</u>: Declaration of birth** | **<u>Article 9 :</u> Déclaration de naissance d'un enfant** |
| **<u>Ingingo ya 10</u>: Iyandikisha ry'umwana wavutse ku babyeyi batashyingiranywe** | **<u>Article 10</u>: Declaration of birth of a child born out of wedlock** | **<u>Article 10 :</u> Enregistrement de naissance d'un enfant né hors mariage** |
| **<u>Ingingo ya 11</u>: Imenyesha ry'umwana wavutse apfuye cyangwa wapfuye akimara kuvuka** | **<u>Article 11</u>: Declaration of birth of a stillborn or that of a child who dies immediately after birth** | **<u>Article 11 :</u> Déclaration d'un enfant mort-né ou décédé immédiatement après sa naissance** |
| **<u>Ingingo ya 12</u>: Itangwa rya kopi y'inyandiko y'ivuka** | **<u>Article 12</u>: Issuance of a copy of birth record** | **<u>Article 12 :</u> Délivrance d'une copie de l'acte de naissance** |
| **<u>Ingingo ya 13</u>: Kumenyesha ko umuntu yapfuye** | **<u>Article 13:</u> Declaration of death** | **<u>Article 13 :</u> Déclaration de décès** |
| **<u>Ingingo ya 14</u>: Ugushyingiranwa kwemewe** | **<u>Article 14</u>: Legal marriage** | **<u>Article 14 :</u> Mariage légal** |
| **<u>Ingingo ya 15</u>: Iyandukurwa ry'urubanza rutesha agaciro ishyingirwa** | **<u>Article 15</u>: Registration of a judgment annulling a marriage** | **<u>Article 15 :</u> Transcription d'un jugement annulant un mariage** |
| **<u>Ingingo ya 16</u>: Inkurikizi z'urupfu ku ishyingirwa** | **<u>Article 16</u>: Effects of death on marriage** | **<u>Article 16:</u> Effets de décès sur le mariage** |
| **<u>Ingingo ya 17</u>: Iyandukura ry'urubanza rwemeza ubutane** | **<u>Article 17</u>: Registration of the judgment of divorce** | **<u>Article 17:</u> Transcription du jugement de divorce** |
| **<u>Ingingo ya 18</u>: Inkurikizi z'ubutane ku bana** | **<u>Article 18</u>: Effects of divorce on children** | **<u>Article 18:</u> Effets de divorce à l'égard des enfants** |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 19</u>: Iyandukurwa ry'urubanza rwemeza se cyangwa nyina w'umwana** | **<u>Article 19</u>: Registration of a judgment establishing paternity or maternity** | **<u>Article 19:</u> Transcription du jugement établissant la paternité ou la maternité** |
| **<u>Ingingo ya 20</u>: Kwandika mu bitabo by'irangamimerere mu buryo bw'ikoranabuhanga** | **<u>Article 20</u>: Electronic recording in civil registrars** | **<u>Article 20:</u> Enregistrement électronique dans les registres de l'état civil** |
| **<u>Ingingo ya 21:</u> Agaciro k'ibikubiye mu bitabo by'irangamimerere byanditswemo mu buryo busanzwe bw'inyandiko** | **<u>Article 21</u>: Validity of the content of the physical civil status registers** | **<u>Article 21:</u> Validité du contenu des registres physiques de l'état civil** |
| **<u>Ingingo ya 22</u>: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko** | **<u>Article 22</u>: Drafting, consideration and adoption of this Law** | **<u>Article 22:</u> Initiation, examen et adoption de la présente loi** |
| **<u>Ingingo ya 23</u>: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko** | **<u>Article 23</u>: Repealing provision** | **<u>Article 23:</u> Disposition abrogatoire** |
| **<u>Ingingo ya 24</u>: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa** | **<u>Article 24</u>: Commencement** | **<u>Article 24:</u> Entrée en vigueur** |

| | | |
|---|---|---|
| **ITEGEKO N° 001/2020 RYO KU WA 02/02/2020 RIHINDURA ITEGEKO N° 32/2016 RYO KU WA 28/08/2016 RIGENGA ABANTU N'UMURYANGO** | **LAW N° 001/2020 OF 02/02/2020 AMENDING LAW N° 32/2016 OF 28/08/2016 GOVERNING PERSONS AND FAMILY** | **LOI N° 001/2020 DU 02/02/2020 PORTANT MODIFICATION DE LA LOI N° 32/2016 DU 28/08/2016 RÉGISSANT LES PERSONNES ET LA FAMILLE** |
| **Twebwe, KAGAME Paul,**<br>Perezida wa Repubulika; | **We, KAGAME Paul,**<br>President of the Republic; | **Nous, KAGAME Paul,**<br>Président de la République ; |
| **INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RITANGAZWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA** | **THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA** | **LE PARLEMENT A ADOPTÉ ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIÉE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA RÉPUBLIQUE DU RWANDA** |
| **INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:** | **THE PARLIAMENT:** | **LE PARLEMENT :** |
| Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 30 Ukuboza 2019; | The Chamber of Deputies, in its session of 30 December 2019; | La Chambre des Députés, en sa séance du 30 décembre 2019 ; |
| Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015 cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 12, iya 17, iya 18, iya 19, iya 23, iya 64, iya 69, iya 70, iya 88, iya 90, iya 91, iya 106, iya 120, iya 122 n'iya 176; | Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 12, 17, 18, 19, 23, 64, 69, 70, 88, 90, 91, 106, 120, 122 and 176; | Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 12, 17, 18, 19, 23, 64, 69, 70, 88, 90, 91, 106, 120, 122 et 176 ; |

| | | |
|---|---|---|
| Ishingiye ku Masezerano Mpuzamahanga yerekeye uburenganzira mbonezamubano n'ubwa politiki yo ku wa 16 Ukuboza 1966 yashyiriweho umukono i New York, yemejwe n'Itegeko-teka nº 8/75 ryo ku wa 12/02/1975; | Pursuant to the International Covenant on Civil and Political Rights of 16 December 1966 signed at New York and ratified by Decree-Law nº 8/75 of 12/02/1975; | Vu le Pacte international relatif aux droits civils et politiques du 16 décembre 1966 adopté à New York et ratifié par le Décret-loi nº 8/75 du 12/02/1975 ; |
| Ishingiye ku Masezerano Mpuzamahanga yerekeye uburenganzira mu by'ubukungu, imibereho myiza n'umuco yo ku wa 16 Ukuboza 1966 yashyiriweho umukono i New York, yemejwe n'Itegeko-teka nº 8/75 ryo ku wa 12/02/1975; | Pursuant to the International Covenant on Economic, Social and Cultural Rights of 16 December 1966 signed at New York and ratified by Decree-Law n° 8/75 of 12/02/1975; | Vu le Pacte international relatif aux droits économiques, sociaux et culturels du 16 décembre 1966 adopté à New York et ratifié par le Décret-loi nº 8/75 du 12/02/1975; |
| Ishingiye ku Masezerano y'Umuryango w'Abibumbye yerekeye uburenganzira bw'umwana yo ku wa 20 Ugushyingo 1989 yashyiriweho umukono i New York, yemejwe n'Iteka rya Perezida nº 773/16 ryo ku wa 19 Nzeli 1991; | Pursuant to the Convention of the United Nations on the Rights of the Child of 20 November 1989 signed at New York and ratified by Presidential Order nº 773/16 of 19 September 1991; | Vu la Convention des Nations unies relative aux droits de l'enfant du 20 novembre 1989 adoptée à New York et ratifiée par Arrêté Présidentiel nº 773/16 du 19 septembre 1991 ; |
| Ishingiye ku Masezerano y'Afurika yerekeye uburenganzira n'imibereho myiza by'umwana yo ku wa 11 Kamena 1990 yashyiriweho umukono i Addis Abbeba, yemejwe n'Iteka rya Perezida nº 11/01 ryo ku wa 30 Gicurasi 2001; | Pursuant to the African Charter on the Rights and Welfare of the Child of 11 June 1990 signed at Addis Ababa and ratified by Presidential Order nº 11/01 of 30 May 2001; | Vu la Charte africaine des droits et du bien-être de l'enfant du 11 juin 1990 adoptée à Addis-Abeba et ratifiée par Arrêté Présidentiel nº 11/01 du 30 mai 2001 ; |
| Ishingiye ku Masezerano y'inyongera ku Masezerano Nyafurika yerekeye uburenganzira bwa muntu n'ubw'abaturage yerekeye uburenganzira bw'umugore yashyiriweho umukono i Maputo ku wa 11 | Pursuant to the Protocol to the African Charter on Human and Peoples' Rights on the Rights of Women in Africa signed at Maputo on 11 July 2003 and ratified by Presidential Order nº 11/01 of 24/06/2004; | Vu le Protocole à la Charte africaine des droits de l'homme et des peuples relatif aux droits des femmes en Afrique adopté à Maputo le 11 juillet 2003 et ratifié par Arrêté présidentiel nº 11/01 du 24/06/2004 ; |

| | | |
|---|---|---|
| Nyakanga 2003, yemejwe burundu n'Iteka rya Perezida nº 11/01 ryo ku wa 24/06/2004; | | |
| Ishingiye ku Masezerano Mpuzamahanga yerekeye kurinda abana no gufatanya mu byerekeye ukubera umubyeyi umwana utabyaye mu rwego mpuzamahanga yashyiriweho umukono i La Haye mu Buholandi ku wa 29 Gicurasi 1993; yemejwe n'Iteka rya Perezida nº 24/01 ryo ku wa 07 Gicurasi 2010; | Pursuant to the Convention on Protection of Children and Co-operation in Respect of Intercountry Adoption, signed at The Hague in the Netherlands on 29 May 1993 and ratified by Presidential Order nº 24/01 of 07 May 2010; | Vu la Convention sur la protection des enfants et la coopération en matière d'adoption internationale adoptée à La Haye aux Pays-Bas le 29 mai 1993 et ratifiée par Arrêté Présidentiel nº 24/01 du 07 mai 2010; |
| Isubiye ku Itegeko nº 32/2016 ryo ku wa 28/08/2016 rigenga abantu n'umuryango; | Having reviewed Law nº 32/2016 of 28/08/2016 governing persons and family; | Revu la Loi nº 32/2016 du 28/08/2016 régissant les personnes et la famille; |
| **YEMEJE:** | **ADOPTS:** | **ADOPTE :** |
| **<u>Ingingo ya mbere</u>: Umwanditsi w'irangamimerere** | **<u>Article One</u>: Civil registrar** | **<u>Article premier :</u> Officier de l'état civil** |
| Ingingo ya 65 y'Itegeko nº 32/2016 ryo ku wa 28/08/2016 rigenga abantu n'umuryango ihinduwe ku buryo bukurikira: | Article 65 of Law nº 32/2016 of 28/08/2016 governing persons and family is amended as follows: | L'article 65 de la Loi nº 32/2016 du 28/08/2016 régissant les personnes et la famille est modifié comme suit : |
| "Umwanditsi w'irangamimerere ni umukozi ufite irangamimerere mu nshingano ze ku rwego rw'imitegekere y'Igihugu rwegerejwe abaturage cyangwa uhagarariye u Rwanda mu mahanga. | "A civil registrar is an officer in charge of civil registration at the level of decentralised administrative entity or a representative of Rwanda in a foreign country. | "Un officier de l'état civil est un agent ayant l'état civil dans ses attributions au niveau d'une entité administrative décentralisée ou un représentant du Rwanda à l'étranger. |

| | | |
|---|---|---|
| Umukozi wo mu kigo cy'ubuzima afite ububasha bw'umwanditsi w'irangamimerere bwo kwandika abavutse n'abapfuye mu kigo cy'ubuzima. | An officer of the health facility has the power of civil registrar to record births and deaths that occur in the health facility. | Un agent de l'établissement de santé a la compétence d'officier de l'état civil d'inscrire les naissances et les décès survenus dans l'établissement de santé. |
| Iteka rya Minisitiri ufite irangamimerere mu nshingano ze rigena umukozi wo mu kigo cy' ubuzima uvugwa mu gika cya 2 cy'iyi ngingo ufite ubwo bubasha, inshingano ze n'uburyo zishyirwa mu bikorwa." | An Order of the Minister in charge of civil registration specifies the officer of the health facility referred to in Paragraph 2 of this Article who has that power, his or her responsibilities and the modalities for performance of such responsibilities." | Un arrêté du Ministre ayant l'état civil dans ses attributions précise l'agent de l'établissement de santé visé à l'alinéa 2 du présent article qui a cette compétence, ses attributions et les modalités d'exercice de ces dernières." |
| **<u>Ingingo ya 2</u>: Igenzurwa ry'umwanditsi w'irangamimerere** | **<u>Article 2</u>: Supervision of the civil registrar** | **<u>Article 2:</u> Supervision de l'officier de l'état civil** |
| Ingingo ya 70 y'Itegeko nº 32/2016 ryo ku wa 28/08/2016 rigenga abantu n'umuryango ihinduwe ku buryo bukurikira: | Article 70 of Law nº 32/2016 of 28/08/2016 governing persons and family is amended as follows: | L'article 70 de la Loi nº 32/2016 du 28/08/2016 régissant les personnes et la famille est modifié comme suit : |
| "Umwanditsi w'irangamimerere agenzurwa n'umuyobozi umukuriye mu kazi ke. | "The civil registrar exercises his or her functions under the supervision of his or her immediate supervisor. | "L'officier de l'état civil exerce ses fonctions sous la supervision de son supérieur hiérarchique. |
| Umwanditsi w'Irangamimerere ku rwego rw'Umurenge akurikirana imirimo y'irangamimerere yose ikorerwa mu ifasi ye. | The civil registrar at the Sector level supervises all civil registration activities carried out in his or her jurisdiction. | L'officier de l'état civil au niveau du Secteur supervise toutes les activités du service de l'état civil de son ressort. |
| Umuyobozi ukuriye umwanditsi w'irangamimerere akurikirana imirimo y'irangamimerere mu ifasi ye. Agomba gusuzuma uko ibitabo by'irangamimerere byifashe n'uko bibitswe, kandi agakora | The immediate supervisor of a civil registrar supervises the civil registration activities in his or her jurisdiction. He or she verifies the condition and the keeping of registers, makes a report thereon and may, if considered | Le supérieur hiérarchique de l'officier de l'état civil est chargé de la supervision du service de l'état civil de son ressort. Il vérifie l'état et la tenue des registres, dresse un procès-verbal des vérifications et peut, le cas échéant, |

| | | |
|---|---|---|
| inyandikomvugo y'isuzuma yakoze byaba ngombwa akaba yakurikirana umwanditsi w'irangamimerere ku makosa yakoze. | necessary, take action against the civil registrar for his or her misconduct. | poursuivre l'officier de l'état civil pour les fautes commises. |
| Minisitiri ufite irangamimerere mu nshingano ze agenzura ibiro by'ubwanditsi bw'irangamimerere igihe cyose bibaye ngombwa." | The Minister in charge of civil registration conducts supervision of the civil registration offices whenever considered necessary." | Le Ministre ayant l'état civil dans ses attributions supervise les bureaux de l'état civil chaque fois que de besoin." |
| **<u>Ingingo ya 3</u>: Gushyira inomero ku bitabo by'irangamimerere** | **<u>Article 3</u>: Numbering civil status registers** | **<u>Article 3:</u> Numérotation des registres de l'état civil** |
| Ingingo ya 76 y'Itegeko nº 32/2016 ryo ku wa 28/08/2016 rigenga abantu n'umuryango ihinduwe ku buryo bukurikira: | Article 76 of Law nº 32/2016 of 28/08/2016 governing persons and family is amended as follows: | L'article 76 de la Loi nº 32/2016 du 28/08/2016 régissant les personnes et la famille est modifié comme suit : |
| **"<u>Ingingo ya 76</u>: Gushyira inomero n'ikimenyetso cy'umukono ku bitabo by'irangamimerere** | "**<u>Article 76</u>: Numbering and initialling civil status registers** | **"<u>Article 76:</u> Numérotation et paraphe des registres de l'état civil** |
| Buri gitabo cy'irangamimerere gishyirwaho inomero kandi kigashyirwaho ikimenyetso cy'umukono n'Umuyobozi ukuriye umwanditsi w'irangamimerere mbere y'uko umwanditsi w'irangamimerere atangira kugikoresha. Icyakora, igitabo cy'irangamimerere cyandikwamo mu buryo bw'ikoranabuhanga gishyirwaho inomero kandi kigashyirwaho ikimenyetso cy'umukono koranabuhanga na Minisitiri ufite irangamimerere mu nshingano ze. | The immediate supervisor of the civil registrar numbers and initials each civil status register before the civil registrar uses it. However, the Minister in charge of civil registration numbers and electronically signs the electronic civil status register. | Le supérieur hiérarchique de l'officier de l'état civil côte et paraphe chaque registre de l'état civil avant que l'officier de l'état civil ne l'utilise. Toutefois, le Ministre ayant l'état civil dans ses attributions côte et signe électroniquement le registre de l'état civil électronique. |

| | | |
|---|---|---|
| Ibiro by'irangamimerere muri za Ambasade z'u Rwanda bigezwaho ibitabo by'irangamimerere na Minisiteri ifite irangamimere mu nshingano zayo nyuma yo gushyirwaho inomero n' ikimenyetso cy'umukono." | The Ministry in charge of civil registration numbers and initials the civil status registers before delivering them to the civil registration offices in Rwandan Embassies." | Le Ministère ayant l'état civil dans ses attributions approvisionne les bureaux de l'état civil dans les ambassades du Rwanda en registres de l'état civil après les avoir côtés et paraphés." |
| **<u>Ingingo ya 4</u>: Igihe ibitabo by'irangamimerere bifungurirwa n'igihe bisorezwa** | **<u>Article 4</u>: Opening and closure of civil status registers** | **<u>Article 4:</u> Ouverture et clôture des registres de l'état civil** |
| Ingingo ya 77 y'Itegeko nº 32/2016 ryo ku wa 28/08/2016 rigenga abantu n'umuryango ihinduwe ku buryo bukurikira: | Article 77 of Law nº 32/2016 of 28/08/2016 governing persons and family is amended as follows: | L'article 77 de la Loi nº 32/2016 du 28/08/2016 régissant les personnes et la famille est modifié comme suit : |
| "Ibitabo by'irangamimerere byandikwamo buri mwaka kuva ku itariki ya mbere Mutarama bigasozwa ku itariki ya 31 Ukuboza. Nyuma y'inyandiko igaragaza ko ibitabo by'irangamimerere bishojwe kandi mu kwezi gukurikira iryo sozwa, umwanditsi w'irangamimerere ashyira muri buri gitabo ishakiro ry'inyandiko zirimo, hakurikijwe uko inyuguti zikurikirana. | "The civil status registers are opened on the first January and closed on the 31st December of each year. After closure statement and in the course of the month following the closure of registers, the civil registrar inserts in each register an alphabetical table of records contained therein. | "Les registres de l'état civil sont ouverts au premier janvier et clos au 31 décembre de chaque année. Après la note de clôture et dans le mois qui suit la clôture des registres, l'officier de l'état civil dresse sur chaque registre une table alphabétique des actes qui y sont contenus. |
| Ibitabo by'irangamimerere byandikwamo mu buryo bw'ikoranabuhanga byandikwamo mu buryo buhoraho. | Registration in electronic civil status registers is permanent. | L'enregistrement dans les registres électroniques de l'état civil est permanent. |
| Ibitabo by'irangamimerere byerekwa buri wese ubifitemo inyungu." | Civil status registers are made available for consultation by any interested person." | Les registres de l'état civil sont mis à la disposition de toute personne intéressée pour consultation." |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 5</u>: Aho ibitabo by'irangamimerere bibikwa** | **<u>Article 5</u>: Location for archiving civil status registers** | **<u>Article 5:</u> Lieu d'archivage des registres de l'état civil** |
| Ingingo ya 79 y'Itegeko nº 32/2016 ryo ku wa 28/08/2016 rigenga abantu n'umuryango ihinduwe ku buryo bukurikira: | Article 79 of Law nº 32/2016 of 28/08/2016 governing persons and family is amended as follows: | L'article 79 de la Loi nº 32/2016 du 28/08/2016 régissant les personnes et la famille est modifié comme suit : |
| "Ibitabo by'irangamimerere bigomba kubikwa igihe cyose mu biro by'irangamimerere mu buryo bw'inyandiko cyangwa bw'ikoranabuhanga. | "Civil status registers must always be kept in a civil registration office in paper or in electronic form. | "Les registres de l'état civil doivent être conservés en permanence au bureau de l'état civil sur support papier ou électronique. |
| Iyo ibiro by'irangamimerere bivuyeho ibitabo byimurirwa mu ifasi nshya y'irangamimerere." | In case of removal of the civil registration office, registers are transferred to the new civil status territorial jurisdiction." | En cas de suppression d'un bureau de l'état civil, les registres sont transférés au nouveau ressort de l'état civil." |
| **<u>Ingingo ya 6</u>: Urubanza rusimbura inyandiko y'irangamimerere** | **<u>Article 6</u>: Judgment substituting a civil status record** | **<u>Article 6:</u> Jugement supplétif d'acte de l'état civil** |
| Ingingo ya 86 y'Itegeko nº 32/2016 ryo ku wa 28/08/2016 rigenga abantu n'umuryango ihinduwe ku buryo bukurikira: | Article 86 of Law nº 32/2016 of 28/08/2016 governing persons and family is amended as follows: | L'article 86 de la Loi nº 32/2016 du 28/08/2016 régissant les personnes et la famille est modifié comme suit : |
| "Uretse inyandiko y'ivuka yakorewe mu Rwanda, inyandiko y'irangamimerere yose yaba yarakorewe mu Rwanda cyangwa mu mahanga itabonetse cyangwa itarakozwe ku mpamvu iyo ariyo yose, isimburwa n'urubanza ruciwe, bisabwe n'umuntu wese ubifitemo inyungu, mu rukiko rubifitiye ububasha rw'aho uyisaba atuye cyangwa aba. Umuburanyi muri uru rubanza agomba | "Except for the birth record drawn up in Rwanda, any civil status record drawn up in Rwanda or in a foreign country that may not be found or that was not drawn up for any reason whatsoever is substituted by a judgment rendered, upon application by any interested person, by the competent court of the place where the requesting person resides or is domiciled. The applicant must submit to | "À l'exception de l'acte de naissance établi au Rwanda, tout acte de l'état civil établi au Rwanda ou à l'étranger qui ne peut pas être trouvé ou qui n'a pas été établi pour une raison quelconque est suppléé par un jugement rendu sur requête présentée par toute personne intéressée à la juridiction compétente du lieu de domicile ou de résidence du requérant. Le demandeur doit soumettre à la juridiction toutes |

| | | |
|---|---|---|
| gushyikiriza urukiko ibimenyetso byose bishoboka byemeza ko iyo nyandiko yabayeho cyangwa itabayeho. | the court all possible evidence proving the existence or non-existence of that record. | les preuves possibles qui prouvent l'existence ou la non-existence de cet acte. |
| Urukiko rushobora gutegeka ko habaho iperereza igihe rubona ko ari ngombwa." | The court may order investigations if considered necessary." | La juridiction peut, en cas de besoin, ordonner les mesures d'instruction." |
| **<u>Ingingo ya 7:</u> Imenyakanisha ry'izimira ry'inyandiko z'irangamimerere n'uburyo zisubizwaho** | **<u>Article 7</u>: Procedure for declaration and restoration of disappeared civil status records** | **<u>Article 7:</u> Procédure de déclaration et de rétablissement des actes d'état civil disparus** |
| Ingingo ya 90 y'Itegeko nº 32/2016 ryo ku wa 28/08/2016 rigenga abantu n'umuryango ihinduwe ku buryo bukurikira: | Article 90 of Law nº 32/2016 of 28/08/2016 governing persons and family is amended as follows: | L'article 90 de la Loi nº 32/2016 du 28/08/2016 régissant les personnes et la famille est modifié comme suit : |
| **"<u>Ingingo ya 90:</u> Imenyekanisha ry'inyandiko z'irangamimerere zazimiye, izitarakozwe n'uburyo zisubizwaho** | **"<u>Article 90</u>: Declaration of missing or non-drawn civil status records and procedure for restoration** | **"<u>Article 90:</u> Déclaration des actes de l'état civil disparus ou non-établis et procédure de leur rétablissement** |
| Mu gihe igitabo cy'irangamimerere cyazimiye, cyaba uko cyakabaye cyangwa haburaho igice, cyangwa hari inyandiko z'irangamimerere zitakozwe, umwanditsi w'irangamimerere akora inyandikomvugo asobanura icyo kibazo akayishyikiriza umuyobozi umukuriye mu kazi, akagenera kopi Urwego rw'ubugenzacyaha rwo mu ifasi akoreramo. | In case a civil status register is missing, either in whole or in part, or if civil status records were not drawn up, the civil registrar makes a report explaining the issue and submits it to the immediate supervisor with a copy to the Investigation Bureau in his or her jurisdiction. | Dans le cas où un registre a disparu, soit entièrement ou partiellement, ou lorsque des actes de l'état civil n'ont pas été établis, l'officier de l'état civil dresse un procès-verbal expliquant ce problème, le transmet à son supérieur hiérarchique et réserve une copie à l'Office d'investigation de son ressort. |
| Umuyobozi umukuriye mu kazi asaba mu nyandiko umwanditsi w'irangamimerere bireba kwandika ibyazimiye bikubiye mu | The immediate supervisor instructs in writing the concerned civil registrar to record on a year-by-year basis the missing data contained | Le supérieur hiérarchique demande par écrit à l'officier de l'état civil concerné de dresser, année par année, les données disparues |

| | | |
|---|---|---|
| bitabo by'irangamimerere byabuze no mu nyandiko z'irangamimerere zitakozwe uko imyaka yakurikiranye. | in the missing civil status registers and in the civil status records not drawn up. | contenues dans les registres de l'état civil disparus et dans les actes de l'état civil non établis. |
| Umuyobozi ukuriye umwanditsi w'irangamimerere mu kazi asaba inzego zibishinzwe gukora iperereza no gushyiraho uburyo bwose bukwiye bwo kubimenyesha bose. | The immediate supervisor of the civil registrar requests the competent organs to conduct an inquiry and take any appropriate action to inform the public. | Le supérieur hiérarchique de l'officier de l'état civil demande aux organes compétents de mener une enquête et de prendre toutes mesures jugées opportunes pour informer le public. |
| Ibivuye mu iperereza bishyirwa, mu gihe cy'amezi atatu (3), ku biro by'umwanditsi w'irangamimerere aho umuntu wese ubifitemo inyungu ashobora kubimenyera." | Inquiry results are posted, for a period of three (3) months, on the civil registration office where any interested person may access them." | Les résultats de l'enquête sont affichés pendant trois (3) mois au bureau de l'officier de l'état civil où toute personne intéressée peut en prendre connaissance." |
| **<u>Ingingo ya 8:</u> Urubanza rusubizaho igitabo cy'irangamimerere** | **<u>Article 8</u>: Judgment ordering restoration of a civil status register** | **<u>Article 8:</u> Jugement de rétablissement d'un registre de l'état civil** |
| Ingingo ya 91 y'Itegeko nº 32/2016 ryo ku wa 28/08/2016 rigenga abantu n'umuryango ihinduwe ku buryo bukurikira: | Article 91 of Law nº 32/2016 of 28/08/2016 governing persons and family is amended as follows: | L'article 91 de la Loi nº 32/2016 du 28/08/2016 régissant les personnes et la famille est modifié comme suit : |
| "Umuyobozi ukuriye mu kazi umwanditsi w'irangamimerere ashingiye ku byavuye mu iperereza aregera urukiko rubifitiye ububasha arusaba kwandukura ibyakozwe cyangwa kwandika ibitaraditswe byagaragaje ko byabayeho. | "The immediate supervisor of the civil registrar, on the basis of the inquiry results, petitions the competent court to restore drawn up or record non-drawn up data found to have existed. | " Le supérieur hiérarchique de l'officier de l'état civil, sur base des résultats de l'enquête, introduit une requête à la juridiction compétente pour demander le rétablissement des données établies ou inscrit des données non établies dont l'existence a été constatée. |
| Urukiko, rushingiye ku byo rwashyikirijwe, n'ibindi rusanze ari ngombwa, rufata icyemezo gitegeka kwandukura ibyakozwe | The court, on the basis of the inquiry results and other elements considered necessary, orders restoration or registration of data | La juridiction, sur base des résultats de l'enquête et d'autres éléments jugés nécessaires, ordonne le rétablissement ou la |

| | | |
|---|---|---|
| cyangwa kwandika ibitaraditswe byagaragaje ko byabayeho. | drawn up or record non-drawn up found to have existed. | transcription des données établies ou inscrit des données non établies dont l'existence a été constatée. |
| Uko bishobotse kose, urubanza rumwe rwiharira inyandiko z'umwaka wose za buri biro by'irangamimerere. | As far as possible, one judgment includes a decision ordering restoration of all records of an entire year for every civil registration office. | Un seul jugement contient, autant que possible, la décision de rétablissement de tous les actes d'une année entière pour chaque bureau de l'état civil. |
| Gusubizaho inyandiko z'irangamimerere bishyirwa mu bitabo by'irangamimerere bibiri (2) bifite inomero n'ikimenyetso cy'umukono hakurikijwe iri tegeko, kimwe kigashyirwa mu biro by'irangamimerere ikindi mu biro by'ukuriye umwanditsi w'irangamimerere. Icyakora, urubanza rusubizaho igitabo cy'irangamimerere ruciwe igitabo cy'irangamimerere cyandikwamo mu buryo bw'ikoranabuhanga cyaratangiye gukoreshwa rwandukurwa muri icyo gitabo." | The restoration of civil status records is done in two (2) civil status registers given numbers and initials in accordance with this Law; one of which is deposited in the civil registration office and the other in the office of the immediate superior of the civil registrar. However, the judgment restoring the civil status register rendered when the electronic civil status register is already being used is entered in that register." | Le rétablissement des actes de l'état civil se fait sur deux (2) registres de l'état civil cotés et paraphés conformément à la présente loi et déposés, l'un au bureau de l'état civil, l'autre au bureau du supérieur hiérarchique de l'officier de l'état civil. Toutefois, le jugement rétablissant le registre de l'état civil rendu lorsque le registre électronique d'état civil a commencé à être utilisé est transcrit dans ce registre." |
| **<u>Ingingo ya 9:</u> Iyandikisha ry'ivuka ry'umwana** | **<u>Article 9</u>: Declaration of birth** | **<u>Article 9:</u> Déclaration de naissance d'un enfant** |
| Ingingo ya 100 y'Itegeko nº 32/2016 ryo ku wa 28/08/2016 rigenga abantu n'umuryango ihinduwe ku buryo bukurikira: | Article 100 of Law nº 32/2016 of 28/08/2016 governing persons and family is amended as follows: | L'article 100 de la Loi nº 32/2016 du 28/08/2016 régissant les personnes et la famille est modifié comme suit : |
| "Umwana wese yandikishwa akivuka mu kigo cy'ubuzima yavukiyemo herekanywe icyemezo cya muganga w'ikigo cy'ubuzima umwana yavukiyemo. | "Every child is declared immediately after birth in the health facility where he/she was born upon presentation of a medical birth certificate issued by a medical professional | "Tout enfant est déclaré immédiatement après sa naissance auprès de l'établissement de santé dans lequel il est né sur présentation du certificat médical de naissance délivré par un |

| | | |
|---|---|---|
| | from the health facility where the child was born. | professionnel médical de l'établissement où l'enfant est né. |
| Iyo umwana atavukiye mu kigo cy'ubuzima, umwandikisha abikora mu minsi mirongo itatu (30) ikurikira itariki umwana yavukiyeho, yitwaje icyemezo cy'ubuyobozi bubifitiye ububasha bw'aho umwana yavukiye kigaragaza amazina y'ababyeyi n'itariki umwana yavukiyeho kandi akitwaza abatangabuhamya babiri (2) bafite nibura imyaka cumi n'umunani (18). | In case the child was not born in a health facility, the declaration is made within thirty (30) days after the birth date of the child, upon presentation of a certificate issued by the competent authority of the child's place of birth indicating the names of the child's parents and the date of birth and in the presence of two (2) witnesses aged at least eighteen (18) years. | Au cas où l'enfant n'est pas né dans un établissement de santé, la déclaration se fait dans les trente (30) jours de l'accouchement sur présentation d'une attestation délivrée par l'autorité compétente du lieu de naissance de l'enfant indiquant les noms de ses parents et sa date de naissance et en présence de deux (2) témoins âgés d'au moins dix-huit (18) ans. |
| Iyandikisha ry'ivuka rikorwa na se cyangwa na nyina w'umwana. Iyo bombi batabonetse, rikorwa n'uwo bahaye uburenganzira cyangwa undi ufite ububasha bwa kibyeyi ku mwana cyangwa abo bafitanye isano ya hafi. | The declaration of birth is made by the child's father or mother. In case both of them are not available, the declaration is made by a person they have authorized or any person exercising parental authority over the child or a close relative. | La déclaration de naissance est faite par le père ou la mère ou, à défaut, par la personne à qui ils ont donné l'autorisation ou par la personne exerçant l'autorité parentale sur l'enfant ou par l'un de ses plus proches parents. |
| Iyo abantu bavugwa mu gika cya 3 cy'iyi ngingo batabonetse, iyandikisha ry'umwana rikorwa n'undi muntu wese wari uhari umwana avuka. | In the absence of the persons referred to in Paragraph 3 of this Article, the declaration is made by any other person having been present at the child's birth. | En cas d'absence des personnes visées à l'alinéa 3 du présent article, la déclaration est faite par toute personne ayant assisté à la naissance de l'enfant. |
| Umuyobozi wa gereza agomba kwandikisha abana bavukiye muri gereza ayobora ku mwanditsi w'irangamimerere w'ahantu gereza ayobora iherereye abiherewe uburenganzira n'umubyeyi w'umwana. | A director of a prison must register the birth of the children born in the prison of which he/she is director with the civil registrar of the place of location of the prison, with the permission of the child's parent. | Le directeur d'un établissement pénitentiaire doit déclarer à l'officier de l'état civil du lieu de l'établissement pénitentiaire, les naissances survenues dans l'établissement pénitentiaire dont il est responsable, sur autorisation du parent de l'enfant. |

| | | |
|---|---|---|
| Iteka rya Minisitiri ufite irangamimerere mu nshingano ze rigena ibisabwa n'uburyo abavutse ariko ivuka ryabo rikaba ritarandikishijwe mu gihe giteganywa n'iri tegeko bandikwa." | The Minister in charge of civil status determines the requirements and the modalities for declaration of children whose birth was not declared during the period prescribed by this Law." | Un arrêté du Ministre ayant l'état civil dans ses attributions détermine les conditions et les modalités de déclaration des enfants dont la naissance n'a pas été déclarée dans le délai prévu par la présente loi." |
| **<u>Ingingo ya 10</u>: Iyandikisha ry'umwana wavutse ku babyeyi batashyingiranywe** | **<u>Article 10</u>: Declaration of birth of a child born out of wedlock** | **<u>Article 10:</u> Enregistrement de naissance d'un enfant né hors mariage** |
| Ingingo ya 103 y'Itegeko nº 32/2016 ryo ku wa 28/08/2016 rigenga abantu n'umuryango ihinduwe ku buryo bukurikira: | Article 103 of Law nº 32/2016 of 28/08/2016 governing persons and family is amended as follows: | L'article 103 de la Loi nº 32/2016 du 28/08/2016 régissant les personnes et la famille est modifié comme suit : |
| "Iyo ababyeyi b'umwana batashyingiranywe, iyandikwa ry'umwana rigakorerwa imbere y'umwanditsi w'irangamimerere udafite mu nshingano ze ukwemera umwana wavutse ku babyeyi batashyingiranywe, umwana yandikwa kuri nyina. | "In the child's parents are not legally married and the child's birth is registered with the civil registrar who is not in charge of recognition of a child born out of wedlock, the child is registered under the name of his or her mother. | "Lorsque les parents d'un enfant ne sont pas mariés et que la déclaration de l'enfant est faite à l'officier de l'état civil qui n'est pas chargé de la reconnaissance d'un enfant né hors mariage, celui-ci est enregistré sous le nom de sa mère. |
| Umubyeyi utanditsweho umwana abanza kwemera umwana imbere y'umwanditsi w'irangamimerere ubifite mu nshingano ze kugira ngo amwandikweho." | The parent under whom the child is not registered first recognizes the child before the civil registrar in charge of child recognition for the child to be registered under his or her name." | Le parent sous le nom duquel l'enfant n'est pas inscrit reconnaît d'abord l'enfant devant l'officier de l'état civil chargé de la reconnaissance des enfants afin que l'enfant soit enregistré sous son nom." |
| **<u>Ingingo ya 11</u>: Imenyesha ry'umwana wavutse apfuye cyangwa wapfuye akimara kuvuka** | **<u>Article 11</u>: Declaration of birth of a stillborn or that of a child who dies immediately after birth** | **<u>Article 11:</u> Déclaration d'un enfant mort-né ou décédé immédiatement après sa naissance** |
| Ingingo ya 104 y'Itegeko nº 32/2016 ryo ku wa 28/08/2016 rigenga abantu n'umuryango ihinduwe ku buryo bukurikira: | Article 104 of Law nº 32/2016 of 28/08/2016 governing persons and family is amended as follows: | L'article 104 de la Loi nº 32/2016 du 28/08/2016 régissant les personnes et la famille est modifié comme suit : |

| | | |
|---|---|---|
| “Ivuka ry’umwana uvutse apfuye ntirimenyeshwa umwanditsi w’irangamimerere. | “The birth of a stillborn child is not declared before the civil registrar. | “La naissance d’un enfant mort-né n’est pas déclarée à l’officier de l’état civil. |
| Ivuka ry’umwana wavutse ari muzima agahita apfa rimenyeshwa umwanditsi w’irangamimerere, rikandikwa mu gitabo cy’abavutse naho ugupfa kwe kukandikwa mu gitabo cy’abapfuye. | The birth of a child who dies immediately after birth is declared to the civil registrar and recorded in the register of births while his or her death is recorded in the register of deaths. | La naissance d’un enfant décédé immédiatement après sa naissance est déclarée à l’officier de l’état civil et inscrite sur le registre des actes de naissance tandis que son décès est inscrit sur le registre des actes de décès. |
| Umwana wavutse ariko ivuka ntirimenyeshwe umwanditsi w’irangamimerere kubera impamvu iyo ari yo yose, hanyuma agapfa, ivuka rye ryandikwa mu gitabo cy’abavutse, kandi ugupfa kwe kukandikwa mu gitabo cy’abapfuye.” | A child whose birth is not declared to the civil registrar due to any ground and later dies, his or her birth and death are recorded in the register of births and the register of deaths, respectively.” | Si la naissance d’un enfant n’a pas été déclarée devant l’officier de l’état civil pour n’importe quel motif et que l’enfant décède par la suite, sa naissance et sa mort sont respectivement inscrites sur le registre des actes de naissances et le registre des actes de décès.” |
| **<u>Ingingo ya 12</u>: Itangwa rya kopi y’inyandiko y’ivuka** | **<u>Article 12</u>: Issuance of a copy of birth record** | **<u>Article 12:</u> Délivrance d’une copie de l’acte de naissance** |
| Ingingo ya 105 y’Itegeko nº 32/2016 ryo ku wa 28/08/2016 rigenga abantu n’umuryango ihinduwe ku buryo bukurikira: | Article 105 of Law nº 32/2016 of 28/08/2016 governing persons and family is amended as follows: | L’article 105 de la Loi nº 32/2016 du 28/08/2016 régissant les personnes et la famille est modifié comme suit : |
| “Umuntu wese afite uburenganzira bwo guhabwa kopi y’inyandiko y’ivuka rye cyangwa inyandiko igaragaza ingingo z’ingenzi zayo. Abo nyir’ubwite akomokaho, abamukomokaho bo mu rwego rutaziguye, uwo bashyingiranywe, umurera cyangwa | “Everyone has the right to be given a copy or extract of his or her birth record. The ascendants and descendants of a person on the direct lineage, his or her spouse, his or her guardian or his or her legal representative are allowed to be issued with such a copy. | “Toute personne a le droit d’obtenir une copie ou un extrait de son acte de naissance. Les ascendants et descendants en ligne directe de l’intéressé, son époux, son tuteur ou son représentant légal sont autorisés à obtenir cette copie. |

| | | |
|---|---|---|
| umuhagarariye wemewe n'amategeko bemerewe guhabwa iyo nyandiko. | | |
| Nta wundi muntu ushobora guhabwa kopi y'inyandiko y'ivuka cyangwa inyandiko igaragaza ingingo z'ingenzi zayo bidaturutse ku ruhushya rutangwa na nyirayo cyangwa urukiko rubifitiye ububasha iyo nyir'ubwite yapfuye. | No any other person may be issued with a copy or extract of a birth record without the permission of the holder or a competent court if the holder died. | Personne d'autre ne peut obtenir une copie de l'acte de naissance ou l'extrait de cet acte sans la permission de son titulaire ou d'une juridiction compétente au cas où son titulaire est décédé. |
| Mu gihe umwanditsi w'irangamimerere yanze gutanga iyo kopi, uwo bayimye ashyikiriza ikibazo cye ukuriye umwanditsi w'irangamimerere. Iyo atishimiye igisubizo amuhaye, ikibazo cye agishyikiriza urukiko rubifitiye ububasha rukakiburanisha mu buryo bw'ibirego byihutirwa. | If the civil registrar refuses to issue such a copy, the person who is denied the copy refers the matter to the immediate supervisor of the civil registrar. In case of unsatisfactory response, he or she petitions the competent court which decides the case under summary procedure. | Lorsque l'officier de l'état civil refuse de donner cette copie, la personne à qui cette dernière est refusée introduit un recours devant le supérieur hiérarchique de l'officier de l'état civil. En cas d'insatisfaction, elle saisit la juridiction compétente qui doit statuer par voie de référé. |
| Umuntu wese wifuza kubona inyandiko y'ivuka ariko ivuka rye rikaba ritarandikishijwe mu gihe giteganywa n'iri tegeko, ivuka rye ribanza kwandikwa mu bitabo by'irangamimerere hakurikijwe ibiteganywa n'Iteka riteganywa mu ngingo ya 100 y'iri tegeko." | Any person who wishes to be issued with a birth record but whose birth was not declared within the period provided for by this Law, his or her birth must be first recorded in civil status registers in accordance with the provisions of the Order provided for under Article 100 of this Law." | Toute personne qui désire se faire délivrer un acte de naissance alors que sa naissance n'a pas été déclarée dans les délais prévus par la présente loi, sa naissance doit d'abord être inscrite dans les registres de l'état civil conformément aux dispositions de l'arrêté prévu à l'article 100 de la présente loi." |
| **<u>Ingingo ya 13</u>: Kumenyesha ko umuntu yapfuye** | **<u>Article 13:</u> Declaration of death** | **<u>Article 13:</u> Déclaration de décès** |
| Ingingo ya 106 y'Itegeko nº 32/2016 ryo ku wa 28/08/2016 rigenga abantu n'umuryango ihinduwe ku buryo bukurikira: | Article 106 of Law nº 32/2016 of 28/08/2016 governing persons and family is amended as follows: | L'article 106 de la Loi nº 32/2016 du 28/08/2016 régissant les personnes et la famille est modifié comme suit : |

| | | |
|---|---|---|
| “Kumenyesha ko umuntu yapfuye bikorerwa mu kigo cy’ubuzima yapfiriyemo herekanywe icyemezo cy’umuganga w’icyo kigo cy’ubuzima yapfiriyemo. | “The declaration of death is done in the health facility where the death occurred upon presentation of a certificate of death issued by a medical professional from the health facility where the death occurred. | “Le décès est déclaré auprès de l’établissement de santé dans lequel le décès est survenu sur présentation du certificat de décès délivré par un professionnel médical de l’établissement de santé où la mort est survenue. |
| Umenyesha ko umuntu yapfuye kandi yapfiriye ahatari mu kigo cy’ubuzima abikora mu minsi mirongo itatu (30) ikurikira itariki umuntu yapfiriyeho yitwaje icyemezo gitanzwe n’ubuyobozi bubifitiye ububasha hari abatangabuhamya babiri (2) bafite nibura imyaka cumi n’umunani (18).” | Any person who declares a death occurring in a place other than a health facility does so within thirty (30) days after the date of death upon presentation of a death certificate issued by the competent authority in the presence of two (2) witnesses aged at least eighteen (18) years.” | Une personne qui déclare un décès survenu ailleurs que dans un établissement de santé le fait dans un délai de trente (30) jours après la date du décès sur présentation d’un certificat de décès délivré par l’autorité compétente en présence de deux (2) témoins âgés d’au moins dix-huit (18) ans.” |
| **<u>Ingingo ya 14</u>: Ugushyingiranwa kwemewe** | **<u>Article 14</u>: Legal marriage** | **<u>Article 14:</u> Mariage légal** |
| Ingingo ya 166 y’Itegeko nº 32/2016 ryo ku wa 28/08/2016 rigenga abantu n’umuryango ihinduwe ku buryo bukurikira: | Article 166 of Law nº 32/2016 of 28/08/2016 governing persons and family is amended as follows: | L’article 166 de la Loi nº 32/2016 du 28/08/2016 régissant les personnes et la famille est modifié comme suit : |
| “Ugushyingiranwa k’umugabo umwe n’umugore umwe gukorewe mu butegetsi bwa Leta ku bushake bwabo niko kwemewe. Uko gushyingirwa gukorerwa ku mugaragaro imbere y’umwanditsi w’irangamimerere w’aho umwe mu bashyingirwa atuye cyangwa aba. | “Civil monogamous marriage contracted upon mutual consent before the public administration is the only recognised marriage. Such a marriage is publicly officiated by the civil registrar of the domicile or residence of one of the intending spouses. | “Seul le mariage civil monogamique contracté par consentement mutuel devant l’administration de l’État est reconnu. Ce mariage est célébré publiquement par l’officier de l’état civil du domicile ou de la résidence de l’un des futurs époux. |
| Iyo umwanditsi w’irangamimerere uvugwa mu gika cya mbere cy’iyi ngingo adashoboye kuboneka ku mpamvu iyo ariyo yose ishyingira rikorwa n’umwanditsi | In case the civil registrar referred to in Paragraph One of this Article is not available for any reason whatsoever, the marriage is officiated by his or her immediate supervisor | Au cas où l'officier de l'état civil visé à l’alinéa premier du présent article n'est pas disponible pour quelque raison que ce soit, le mariage est célébré par son supérieur hiérarchique qui, en |

| | | |
|---|---|---|
| w'irangamimerere umukuriye, yaba atabonetse akagena undi mwanditsi w'irangamimerere wo mu ifasi ye umusimbura.<br><br>Abanyarwanda baba mu mahanga bandikishiriza kandi bagashyingiririrwa mu biro by'uhagarariye u Rwanda muri icyo gihugu." | who, in case of his or her absence, determines another civil registrar within his or her jurisdiction to replace him or her.<br><br>Rwandan nationals residing abroad register and contract their marriage in the Rwandan embassy in their country of residence." | cas d'absence, désigne un autre officier de l'état civil au sein de sa juridiction pour le remplacer.<br><br>Les ressortissants rwandais résidant à l'étranger font enregistrer et contractent leur mariage à l'ambassade du Rwanda dans leur pays de résidence." |
| **<u>Ingingo ya 15</u>: Iyandukurwa ry'urubanza rutesha agaciro ishyingirwa** | **<u>Article 15</u>: Registration of a judgment annulling a marriage** | **<u>Article 15 :</u> Transcription d'un jugement annulant un mariage** |
| Itegeko nº 32/2016 ryo ku wa 28/08/2016 rigenga abantu n'umuryango ryongewemo ingingo ya 201 *bis* yanditswe ku buryo bukurikira: | In Law nº 32/2016 of 28/08/2016 governing persons and family is inserted Article 201 *bis* worded as follows: | Dans la Loi nº 32/2016 du 28/08/2016 régissant les personnes et la famille, il est inséré l'article 201 *bis* libellé comme suit: |
| **"<u>Ingingo ya 201 *bis*</u>: Iyandukurwa ry'urubanza rutesha agaciro ishyingirwa** | **"<u>Article 201 *bis*</u>: Registration of a judgment annulling a marriage** | **"<u>Article 201 *bis*</u>: Transcription d'un jugement annulant un mariage** |
| Urubanza rwemeza ko ishyingirwa ritaye agaciro rwandukurwa mu gitabo cy'inyandiko z'ishyingirwa, bigashyirwa mu mpande z'inyandiko y'ishyingirwa.<br><br>Umwanditsi Mukuru w'urukiko rwaciye ku rwego rwa nyuma urubanza rw'ikirego kigamije gutesha agaciro ishyingirwa amenyesha umwanditsi w'irangamimerere amakuru yerekeranye n'icyemezo cy'urukiko cyo gutesha agaciro ishyingirwa." | The judgment annulling a marriage is recorded in the marriage register, in the margin of the marriage record.<br><br>The chief registrar of the court that decided in the last instance the case for annulment of marriage provides the civil registrar with information related to the court's decision annulling the marriage." | Le jugement annulant un mariage est inscrit dans le registre des actes de mariage en marge de l'acte de mariage.<br><br>Le greffier en chef de la juridiction ayant statué en dernier ressort sur l'affaire d'annulation de mariage fournit à l'officier de l'état civil des informations relatives à la décision de la juridiction d'annulation du mariage." |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 16</u>: Inkurikizi z'urupfu ku ishyingirwa** | **<u>Article 16</u>: Effects of death on marriage** | **<u>Article 16 :</u> Effets de décès sur le mariage** |
| Ingingo ya 215 y'Itegeko nº 32/2016 ryo ku wa 28/08/2016 rigenga abantu n'umuryango ihinduwe ku buryo bukurikira: | Article 215 of Law nº 32/2016 of 28/08/2016 governing persons and family is amended as follows: | L'article 215 de la Loi nº 32/2016 du 28/08/2016 régissant les personnes et la famille est modifié comme suit : |
| "Iyo umwe mu bashyingiranywe apfuye, ishyingirwa riraseswa. | "The death of one of the spouses' dissolves marriage. | "Le décès de l'un des époux dissout le mariage. |
| Umwe mu bashyingiranywe upfakaye afite uburenganzira bwo kongera gushyingirwa." | A widowed spouse has the right to remarry." | L'un des époux devenu veuf a le droit de contracter un nouveau mariage." |
| **<u>Ingingo ya 17</u>: Iyandukura ry'urubanza rwemeza ubutane** | **<u>Article 17</u>: Registration of the judgment of divorce** | **<u>Article 17 :</u> Transcription du jugement de divorce** |
| Ingingo ya 239 y'Itegeko nº 32/2016 ryo ku wa 28/08/2016 rigenga abantu n'umuryango ihinduwe ku buryo bukurikira: | Article 239 of Law nº 32/2016 of 28/08/2016 governing persons and family is amended as follows: | L'article 239 de la Loi nº 32/2016 du 28/08/2016 régissant les personnes et la famille est modifié comme suit : |
| "Igihe ubutane bwemejwe n'urubanza rwabaye ndakuka, imikirize yarwo imenyeshwa umwanditsi w'irangamimerere w'aho ishyingirwa ryabereye n'uw'aho abashyingiranywe batuye cyangwa baba mu gihe cy'amezi abiri (2) bikozwe n'umwanditsi mukuru w'urukiko rwaciye urubanza rw'ubutane ku rwego rwanyuma cyangwa n'abashyingiranywe. Igihe bidashobotse bikorwa na buri wese ubifitemo inyungu. Ingingo z'ingenzi z'urubanza zandikwa mu mpande y'inyandiko | "If a judgment of divorce becomes final, the chief registrar of the court that rendered the final judgment or the spouses serve it on the civil registrar of the place where the marriage was celebrated and that of the place where the spouses have domicile or residence within two (2) months from delivery of the judgment. Otherwise, service is made by any other interested person. The extract of the judgment is entered in the margin of both the marriage record and birth records of spouses." | "Si le jugement de divorce est coulé en force de chose jugée, il est, dans les deux (2) mois, signifié par le greffier en chef de la juridiction ayant statué en dernier ressort sur l'affaire de divorce ou par les époux à l'officier de l'état civil du lieu où le mariage a été célébré et à celui du domicile ou de la résidence des époux. Faute de quoi la signification est faite par toute autre personne intéressée. L'extrait du jugement est mentionné en marge de l'acte de mariage et des actes de naissance des époux." |

| | | |
|---|---|---|
| y'ishyingirwa n'iy'ivuka ry'abashyingiranywe." | | |
| **<u>Ingingo ya 18</u> : Inkurikizi z'ubutane ku bana** | **<u>Article 18</u>: Effects of divorce on children** | **<u>Article 18 :</u> Effets de divorce à l'égard des enfants** |
| Ingingo ya 243 y'Itegeko nº 32/2016 ryo ku wa 28/08/2016 rigenga abantu n'umuryango ihinduwe ku buryo bukurikira: | Article 243 of Law nº 32/2016 of 28/08/2016 governing persons and family is amended as follows: | L'article 243 de la Loi nº 32/2016 du 28/08/2016 régissant les personnes et la famille est modifié comme suit : |
